# Imvaho Nshya
*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-41 | TARIKI 25 UGUSHYINGO - 1 UKUBOZA 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA | TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



AMAKURU
Ari njye ugenzura Goma, nayiguha ubanje kunkemurira ibibazo- Perezida Kagame

2

AMAKURU
Abari mu gisirikare cya Isiraheli basuye u Rwanda

6

AMAKURU
Gutega bisi bigiye kujya bikorerwa kuri telefoni- Uwihanganye

13

MUNTARA
Musanze: Uburyo abarwanya u Rwanda bakirwa binyura abanyamahanga

14

## Ndabinginze mujye mwoza amenyo- Dr Nsanzimana aburira ab'i Nyamagabe

**KAMALIZA Agnes**

***Minisitiri w'Ubuzima Dr Sabin Nsanzimana, yaburiye abaturage bo mu Karere ka Nyamagabe abibutsa ko umwanda wo mu kanwa ugira ingaruka zirimo kwibasirwa n'indwara zo mu kanwa, gukurwamo amenyo n'izindi, abasaba kwita ku isuku yo mu kanwa.***

Ubushakashatsi bwa 2024, bw'Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC), bwagaragaje ko uburwayi bwo mu kanwa buri ku mwanya wa 5 mu burwayi 20 buri ku isonga mu bwivuzwa cyane ku bitaro.

Bugaragaza ko mu batuye mu bice by'ibyaro, abatoza mu kanwa bari ku kigero cya 38% mu gihe mu mujyi ari 11.2%, naho 33% bafite hejuru y'imyaka 18 mu Rwanda ngo

KOMEZA KU RUP.3

# Kigali: Ikigega Agaciro Development Fund cyateye ibiti 200 by'imitako



Ubuyobozi bukuru n'abakozi b'Ikigega Agaciro Development Fund (AgDF) bifatanyije n'abaturage mu muganda wo gutera ibiti

**ZIGAMA Theoneste**

***Ubuyobozi bukuru n'abakozi b'Ikigega Agaciro Development Fund (AgDF), ku bufatanye n'Inzego z'ibanze mu Karere ka Nyarugenge, bifatanyije n'abaturage mu muganda wo gutera ibiti 200 by'imitako, mu rwego rwo kubungabunga no guteza imbere ibidukikije.***

Ni igikorwa cyabaye ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 28 Ugushyingo 2025, aho ibiti byatewe ku musozi uherereye mu Kagari ka Rugenge, Umurenge wa Muhima mu Karere ka Nyarugenge.

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Ari njye ugenzura Goma, nayiguha ubanje kunkemurira ibibazo- Perezida Kagame



Perezida Paul Kagame ubwo yari mu kiganiro n'abanyamakuru yavuze ko ari we ugenzura Goma, yayiha undi abanje kumukemurira ibibazo

KAMALIZA Agnes

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yatangaje ko igihe cyose ikibazo cy'umutekano n'akarengane kavugwa mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) kitarakemurwa mu mizi, nta cyatuma Umujyi wa Goma n'indi mijyi iri mu maboko ya M23 isubizwa.***

Yabitangaje ku wa 27 Ugushyingo 2025 mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru ryo mu Rwanda no hanze yarwo.

Perezida Kagame yabivuze nyuma y'uko Perezida w'u Bufaransa, Emmanuel Macron, atangaje ko ikibuga cy'indege cya Goma kizafungurwa mu rwego rwo koroshya ibikorwa by'ubutabazi, nubwo uyu mujyi ukiri mu maboko y'Ihuriro AFC/M23.

Perezida Kagame yishyizwe mu mwanya w'abagenzura Goma yagize ati: "Niba koko ndi mu bagenzura Goma, ukaza ukambwira ngo ukeneye gukoresha Goma, nakubwira nti nta kibazo. Ariko hari ibyo ugomba kuzuza. Ntabwo wayisubizwa utanyeretse uko unkemurira ibibazo uhereye mu mizi."

Ati: "Abantu barwanira uburenganzira bwabo. Ntawe ukwiye kububima, nta n'ugomba kububakuraho ku ngufu."

Yibukije ko ikibazo cya Goma n'umutekano muke mu Burasiraba bwa RDC atari gishya, ahubwo kimaze imyaka irenga icumi kidakemuka.

Ati: "Iki kibazo cyariho guhera mu 2012. Kirongera kikagaruka kandi hari umuryango mpuzamahanga wagombye kuba ushaka igisubizo. Aya mafaranga yose yashyizwemo, aba bantu benshi boherejwe kugikemura, ariko abantu baracyicwa kandi bakurwa mu byabo."

Perezida Kagame yavuze ko benshi bakoresha ikibazo cy'ubutabazi nk'urwitwazo ariko bakirengagiza impamvu nyazo.

Ati: "Ntabwo wavuga ikibazo cy'ubutabazi utarebye umuzi w'ikibazo. Abantu bamwe birengagiza impamvu nyirizina kandi ari yo ikwiye gukemurwa mbere."

Yasobanuye ko nubwo hari abashaka gusubukura ibikorwa ku kibuga cy'indege cya Goma, hari ikibazo cy'ibanze kigomba kubanza gukemurwa.

Ati: "Urashaka Goma cyangwa Bukavu? Nta kibazo. Ariko ugomba no gukemura ibibazo byanjye. Ntabwo ushobora gusaba amahoro utayaha abandi."

Perezida Kagame yibukije ko umutekano n'uburenganzira atari impano ahubwo buri wese akwiye kubiharanira.

Ati: "Ntabwo nshobora gusaba umuntu kumpa uburenganzira bwanjye nk'aho ari impuhwe. Twakunze kubwira RDC guhera mu ntangiriro, ko niba abayobozi bayo bakeneye amahoro na bo bagomba kuyaha abanda [...].Niba utampa uburenganzira, ndarwana kugira ngo mbubone. Nta kibazo mbifiteho."

Iki kiganiro kibaye mu gihe imirwano ikomeje mu Burasirazuba bwa RDC, nyuma y'uko AFC/M23 ifashe Umujyi wa Goma n'indi mijyi mu mpera za Mutarama 2025, mu ntambara irwanya ingabo za RDC, FDLR, n'abacanshuro bari bafatanyije.



Amb. Prof. Charity Manyeruke, uhagarariye Zimbabwe mu Rwanda yasuye ibikorwa by'ubufatanye nu Rwanda

# Ambasaderi wa Zimbabwe mu Rwanda yasuye ibikorwa by'iterambere muri Gatsibo

KAYITARE Jean Paul

***Amb. Prof. Charity Manyeruke, uhagarariye igihugu cya Zimbabwe mu Rwanda, yasuye ibikorwa by'iterambere by'Akarere ka Gatsibo mu Ntara y'Iburasirazuba, anagirana ibiganiro n'ubuyobozi bw'ako Karere.***

Mbere yo gusura ibikorwa by'iterambere, Amb. Prof. Munyeruke yagiranye ibiganiro n'umuyobozi w'Akarere Richard Gasana. Ibiganiro byabo byibanze ku bufatanye bw'ibihugu byombi.

Akarere ka Gatsibo katangaje ko uhagarariye Zimbabwe mu Rwanda yeretswe amahirwe ari mu Karere n'ahashobora gushorwa imari by'umwihariko mu buhinzi, uburezi, inganda n'ubukerarugendo.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gatsibo bubinyujije ku rubuga rwa X, bwagize buti: "Ambasaderi wa Zimbabwe mu Rwanda yasuye uruganda 'Gatsibo Food Processing' rutunganya umuceri, ibigori n'ibicanwa mu Murenge wa Kiziguro."

Bukomeza buvuga ko yasuye ibitaro bya Ngarama byavuguruwe mu buryo bugezweho, bikaba bifasha abaturage kubona serivisi nziza kandi yihuse.

Uruzinduko yarugiriye mu Karere ka Gatsibo ku wa Mbere tariki 24 Ugushyingo 2025. Ku wa Kabiri, Amb. Prof Munyeruke yasuye ikigo cy'ishuri cya TTC Kabarore kigishwaho n'abarimu baturutse muri Zimbabwe.

U Rwanda na Zimbabwe byashyizeho za Ambasade i Harare n'i Kigali mu mwaka wa 2019, mu rwego rwo kurushaho kwagura ubutwererane mu nzego zitandukanye.

Ibyo bihugu byombi bifitanye umubano wihariye ushingiye ku kuba bihuje byinshi mu birebana n'ingano y'ubukungu, abaturage intera y'iterambere n'amateka.





# Ndabinginze mujye mwoza amenyo- Dr Nsanzimana aburira ab'i Nyamagabe

IBIKURIKIRA URUP.1

ntiboza mu kanwa.

Ubwo yifatanyaga n'abaturage bo mu Karere ka Nyamagabe mu muganda wo ku wa 29 Ugushyingo 2025, Minisitiri Dr Nsanzimana yagaragaje ko kutoza amenyo bibangamira abo mubana cyangwa muhura umunsi ku wundi, ndetse bikaba byatuma amenyo arwara bikarangira akuwemo.

Yagize ati: "Ntukwiye kuva mu rugo utogeje amenyo kuko abo muhuye uragenda ubaha imyuka y'ibyo waraye uriye, rimwe na rimwe bimazemo igihe mu kanwa, umusururu ugahura n'ibishyimbo, n'ibijumba hanyuma amenyo ejo agacukuka hakazamo imyobo, wajya kwa muganga bagahoma bikanga bakayakuramo ukaba ubaye mapengu."



Minisitiri w'Ubuzima, Dr Sabin Nsanzimana yifatanyije mu muganda n'abatuye Nyamagabe, abasaba kurangwa n'isuku yo mu kanwa

Minisitiri Dr Nsanzimana yabasabye kurangwa n'isuku hose by'umwihariko iyo mu kanwa, cyane ko ibikoresho byayo birimo uburoso bw'amenyo n'umuti wo mu kanwa bidahenze.

Yongeyeho ati: "Mujye mwoza amenyo ndabinginze."

RBC igaragaza ko uburwayi bwo mu kanwa bugira ingaruka no ku buzima bwo mu mutwe, kandi bufitanye isano n'izindi ndwara zitandura zirimo diyabete, ndetse umugore utwite akaba yabyara umwana udashyitse.

Abantu basabwa nibura kubahiriza ibihe by'ingenzi byo koza mu kanwa haba mu gitondo, nyuma yo gufata amafunguro ndetse na nijoro bagiye kuryama, kuko birinda mikorobe zicukura amenyo.



Nyuma y'umuganda, Dr Nsanzimana yaganirije abawitabiriye ku byiza byo koza amenyo

# Kigali: Ikigega Agaciro Development Fund cyateye ibiti 200 by'imitako

IBIKURIKIRA URUP.1

Umuyobozi Mukuru wa Agaciro Development Fund, Ulrich Kayinamura, yavuze ko iki gikorwa kigamije gushyigikira gahunda za Leta zo kubungabunga ibidukikije, anizeza ko bazakomeza gufatanya n'abaturage n'Inzego zitandukanye mu bikorwa nk'ibi.

Yagize ati: "Tugomba gushyira imbaraga mu kurinda ibidukikije dukora ibikorwa nk'ibi, tugafasha n'ibigo dufitemo imigabane gukora gahunda nk'izi, birinda ibiza n'isuri."

Kayinamura yavuze ko gutera ibiti ari kimwe mu bikorwa bishimangira uruhare rw'Ikigega AgDF mu kurengera ibidukikije, ariko ko bafite n'ibindi bikorwa bihoraho byo kubibungabunga binyuze mu bigo gifitemo imigabane, nka Banki y'Amajyambere y'u Rwanda (BRD) na Kompanyi ya RITCO.



Ubuyobozi bukuru n'abakozi b'Ikigega Agaciro Development Fund (AgDF) bifatanyije n'abaturage mu muganda wo gutera ibiti

Ati: "Dufite imigabane muri BRD, itanga inguzanyo ku mishinga irinda ibidukikije, na Sosiyete ya RITCO yatangiye gukoresha imodoka zikoresha amashanyarazi mu ngendo zitandukanye mu Gihugu hose. Ibyo ni ibikorwa bigaragaza ko dushyigikiye gahunda ya Leta yo kurengera ibidukikije."

Yakomeje avuga ko ibi bikorwa bijyana n'intego y'Ikigega AgDF, yo kubaka ubukungu buhamye, burambye kandi bubasha guhangana n'ingaruka z'ibiza n'ihindagurika ry'ikirere.

Ubuyobozi bw'Ikigega Agaciro Development Fund kandi bwasabye abafatanyabikorwa babwo gukomeza gushyira imbaraga mu kubungabunga ibidukikije kuko ari isoko y'iterambere.

Kayinamura agira ati: "Ibidukikije tugomba kubyitaho, tugatura ahantu twishimiye, hafite isuku, tukirinda ibintu byose byahungabanya ubukungu bw'Igihugu. Ndashishikariza Abanyarwanda bose kwitabira ibikorwa nk'ibi, kugira ngo twubake u Rwanda twifuza."

Ubuyobozi bw'Ikigega Agaciro Development Fund butangaza ko muri gahunda yo kurengera ibidukikije bufatanyije n'izindi nzego zitandukanye bazatera mu gihugu hose ibiti bisaga 1 000.

U Rwanda rufite intego yo gutera ibiti miliyoni 300 bitarenze umwaka wa 2029, aho 70% bizaba ari ibiti by'amashyamba naho ibiti miliyoni 72 biteganyijwe guterwa muri uyu mwaka wa 2025.

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI WWW.IMVAHONSHYA.CO.RW



RCS na EAR basinyanye amasezerano agamije ubufatanye

# RCS n'Itorero Angilikani mu Rwanda bashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye

KAYITARE Jean Paul

***Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS) n'Itorero Angilikani mu Rwanda (EAR) basinyanye amasezerano agamije ubufatanye.***

Amasezerano yasinywe n'impande zombi, arebana no gufatanya ndetse no gushyigikira ibikorwa byo gusubiza mu buzima busanzwe abagororwa.

Ni amasezerano yasinywe kuri uyu wa Gatanu tariki 28 Ugushyingo, ku cyicaro gikuru cy'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora giherereye i Kanombe mu Karere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali.

Amasezerano yashyizweho umukono na Komiseri Mukuru wa RCS, CG Evariste Murenzi na Rev Sano Steven, Umunyamabanga w'Itorero Angilikani mu Rwanda, wari uhagarariye Musenyeri Laurent Mbanda, Umushumba Mukuru w'iri torero.

Ubuyobozi bwa RCS bwatangaje buti: "Aya masezerano arebana no gufatanya no gushyigikira RCS mu bikorwa byo gusubiza abagororwa mu buzima busanzwe no kongera kubahuza n'imiryango."

Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora rutangaza ko mu masezerano yasinywe, harimo n'ingingo yo gufasha abagororwa mu bijyanye n'umwuka n'imyifatire, ndetse no gutanga ubufasha bw'ibikoresho ku bagororwa batishoboye.

Itorero Angilikani mu Rwanda risanzwe rikorana n'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora kuko mu mpera z'umwaka ushize, abakirisito ba EAR, basuye Igororero ry'abana rya Nyagatare batanga inyigisho z'ihumure n'inkunga y'ibikoresho bitandukanye.

Itorero Angilikani mu Rwanda ku bufatanye n'umuryango Prison Fellowship, mu bihe bitandukanye ribatiza abayoboke baryo bari hirya no hino mu magororero baba bamaze iminsi bakurikirana inyigisho z'umubatizo muri iryo dini.

# Bemerera i Doha na Washington nyuma bati ntituzabikora-Perezida Kagame avuga kuri DRC



Perezida Kagame yagaragaje ko ibihugu byombi byemeranya ku ngingo runaka ariko DRC igakora ibitandukanye

KAMALIZA Agnes

***Bemerera ibintu i Washington cyangwa no muri Doha rimwe na rimwe biba biri no ku karubanda, nyuma y'umunsi umwe cyangwa icyumweru ukumva umwe aravuze ngo oya ibi ntituzabikora, kugeza hari ibindi bikozwe."***

Ni ibyagarutsweho na Perezida Paul Kagame, mu kiganiro n'Itangazamakuru ku wa 27 Ugushyingo 2025, ubwo yagarukaga ku biganiro n'amasezerano y'amahoro na Repubulika ya Demokarasi ya Congo, (DRC) aho icyo gihugu kitajya gihagarara ku ijambo cyavuze ahubwo kigahora cyivuguruza ku byo kiba cyemereye ku karubanda.

Perezida Kagame yagaragaje ko ibyo atari bishya mu matwi y'abantu kandi bigaragarira buri umwe aho ibihugu byombi byemeranya ku ngingo runaka ariko DRC igakora ibitandukanye.

Yagize ati: "Mumaze kumenyera izi nkuru aho abantu bavuga ibi ariko bagakora ibitandukanye. Uko ni ko ikibazo dufite na DRC giteye, icyiza ni uko bibera ku karubanda, nta byinshi byo kubigaho bibaye bikorerwa mu bwiru byacanga abantu bakagira ngo hari ibindi."

Perezida Kagame yongeyeho ko ibyo bahora bivuguruzamo ari ibintu biba byarashyizwe ku meza y'ibiganiro ariko ari ikibazo gikomeye kuba abantu bemera ibintu ntibabikore.

Yongeyeho ati: "Waba wemeranya n'ubwenge bwawe cyangwa utabyumva icyo uba waremeye ni ikiba cyaragusohotsemo kiba kibitswe."

Mu biganiro bitandukanye Perezida Kagame yagiye agaragaza igituma ibibazo byo mu Burasirazuba bwa DRC bidakemuka bigirwamo uruhare n'ubuyobozi bwa Perezida, Antoine Felix Tshisekedi Chilombo uhora uhindagurika mu byo avuga.

Ibyo bikaba bikoma mu nkokora ishyira mu bikorwa ry'amasezerano y'amahoro n'ingingo zitandukanye ziba zemeranyijweho.

Perezida Antoine Felix Tshisekedi ashinja u Rwanda gushyigikira umutwe w'Abakongomani wa AFC/M23, uharanira uburenganzira bwawo, mu gihe u Rwanda narwo rushinja DRC kuba indiri y'umutwe wa FDLR, washinzwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

U Rwanda rwagaragaje kenshi ko uwo mutwe wagiye uhungabanya umutekano w'u Rwanda ukarutera uturutse muri icyo gihugu abantu bakahasiga ubuzima n'ibikorwa remezo bikangirika, rukavuga ko icyo rwakoze ari ingamba z'ubwirinzi ntaho ruhuriye n'umutwe wa AFC/M23.

Ubwo yagarukaga ku bibazo bya DRC Perezida Kagame yavuze ko icyo gihugu cyakunze kwihunza ibibazo byacyo kikabyegeka ku Rwanda ari nako kidahwema guhora gisabira u Rwanda ibihano mu bihugu by'amahanga, kandi byagaragaraga ko abayobozi bayo batitaye ku bibazo by'abenegihugu, bakihunza n'ishingano.

Perezida Kagame yavuze ko gusabira u Rwanda ibihano batari gukemura ibyo bibazo cyangwa ngo bigire icyo bitanga mu gihe abantu badashaka kubona ibintu uko biri.

Yagize ati: "None se guhana u Rwanda ni gute byari gukemura ibibazo byawe? Ni gute byari gukemura ibibazo by'abenegihugu bamaze igihe baharanira uburenganzira bwabo? Ni gute byari gukemura ibibazo by'abacanshuro mwazanye ngo babarwanirire?"

Icyakora yagaragaje ko hari icyizere ko ibibazo by'umutekano muke bigaragara mu Burasirazuba bwa Repubulika ya Demokarasi ya Congo bishobora gukemuka, avuga ko hari intambwe nziza imaze guterwa iganisha ku bisubizo birambye.

Perezida Kagame yavuze ko yiteguye kugerageza uburyo bwose bushoboka ngo ibibazo bikemuke kandi hari amahirwe ariko anagaragaza ko ibyo bitamubuza kwita ku byo agomba kwitaho.

Yanashimiye umuhate n'uruhare rwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'Ubuyobozi bwa Perezida Donald Trump.





# U Rwanda rufite toni miliyoni 73 z'umucanga uvamo ibirahuri



U Rwanda rufite umucanga toni miliyoni 73 ushobora gukoreshwa mu nganda zikora ibirahuri

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo Gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda (RMB), cyatangaje ko u Rwanda rufite umucanga wa silica usaga toni miliyoni 73 ushobora gukoreshwa mu nganda zikora ibirahuri, ndetse hakaba hari abashoramari batangiye gukururwa n'uwo mutungo kamere.***

Ubushakashatsi bwerekanye ko uyu mucanga uboneka cyane mu Turere twa Kirehe, Nyamasheke, Karongi, Rutsiro, Rubavu, Nyabihu na Muhanga, kandi ushobora gushyigikira ibikorwa byo gukora ibirahuri mu gihe cy'imyaka 700 iri imbere.

Inyigo y'ishoramari yagaragaje ko ubwinshi n'ubwiza bw'umucanga, cyane cyane mu bice bya Kirambo, Masangano na Kirehe, byujuje ibisabwa mu nganda mpuzamahanga.

Ibyavuye mu isuzuma byagaragaje ko umucanga uri mu Karere ka Kirehe ufite ubuziranenge budasanzwe, kuko ibipimo by'ibanze byoherejwe gupimwa mu ruganda rwa Mulia Glass Factory rwo muri Indonesia byagaragaje ko bigizwe na 98.9% bya silica.

Ibi bituma uba mwiza cyane mu gukora amacupa y'ibirahuri, iby'amadirishya, fibre de verre n'ibindi bicuruzwa by'inganda zitandukanye.

Abayobozi b'inzego z'ibanze babona iyi nkuru nk'intambwe ikomeye mu guteza imbere ubukungu.

Modeste Nzirabatinya, Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Kirehe Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, yabwiye itangazamakuru ati: "Hari amahirwe mu bice bya Nasho na Nyarubuye yo gukuramo umucanga wo gukora ibirahuri. Bishobora guteza imbere ubukungu bwacu no kongera umutungo w'Akarere."

Nk'uko raporo ya Global Market Insights ibivuga, isoko ry'ibirahuri by'amadirishya mu Burasirazuba bwa Afurika ryari ryitezweho kugera ku miliyoni 235 z'amadolari mu 2024, bitewe n'izamuka ry'ubwubatsi, guca ikoreshwa ry'ibikoresho bya pulasitike no kwiyongera kw'ubusabe bw'ibikoresho byo gupfunyika ibinyobwa.

Mu Rwanda, ibyifuzo by'abakenera amacupa byari biteganyijwe kuzamuka biva kuri toni 21.816 mu 2023 bikagera kuri toni 24.179 mu 2027 bikomeza gushimangira icyifuzo cyo kugira inganda z'ibirahuri mu Gihugu.

Inzego z'ubuyobozi zivuga ko Kirehe ari yo ifite umucanga wa silica mwinshi kurusha ahandi mu gihugu, ubarirwa hejuru ya toni miliyoni 55.

Umucanga wa Kirehe ntugizwe na silica gusa, ahubwo ufitanye isano n'ibindi bikoresho by'ingenzi birimo amabuye y'amasadabwayi n'andi y'agaciro yifashishwa mu bwubatsi, ari yo feldspar na limestone.

Pudence Rubingisa, Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba, yashimangiye ko iyi mitungo ifite akamaro kanini mu iterambere ry'iyo Ntara.

Ati: "Hamaze gukorwa ibikorwa by'ishoramari rya RDB mu gutangiza inganda zikora ibirahuri, Intara y'Iburasirazuba izabibyaza umusaruro binyuze mu guhanga imirimo, kubaka ibikorwa remezo, guteza imbere ubukungu no kongera umusaruro."

Rubingisa yongeyeho ko icyemezo cyo guhagarika amacupa ya pulasitike cyateje imbere ibyifuzo by'abakenera amacupa y'ibirahuri, ibikombe n'amadirishya, bityo bigashyira igitutu ku kongera umusaruro w'umucanga uriho.

**Masangano ifite Toni miliyoni 3.4**

Masangano, ikirombe giherereye hagati y'Uturere twa Gakenke, Muhanga, Ngororero na Nyabihu, ufite toni zisaga miliyoni 3,4 z'umucanga ushobora gukoreshwa mu gukora ibirahuri.

Ikirombe kiri hafi y'Ikiyaga cya Kivu, bikorohera gutwara ibikoresho mu nganda.

**Kirambo–Kirimbi ifite hafi toni miliyoni 1**

Mu Karere ka Nyamasheke, ububiko bwa Kirambo–Karundura/Kirimbi bufite toni zirenga 985.000 z'umucanga, ufite silica ya quartz iri hagati ya 80–85%, bigatuma uba mwiza mu nganda zikoresha silica.

Mu bindi bice by'Igihugu, mu Karere ka Karongi, Rutsiro, Rubavu, Nyabihu na Muhanga, hari ububiko bw'umucanga n'ubundi bushobora gushyigikira inganda z'ibirahuri.

Etienne Secumi, umushoramari mu bucukuzi bw'umucanga wo muri Rutsiro, yavuze ko umusaruro w'umucanga ushobora kwiyongera nyuma yo gutangiza uruganda rushya rw'ibirahuri.

Ku ishoramari n'umusaruro utegerejwe, RDB yagaragaje ko hakenewe miliyoni 85 z'amadolari ya Amerika mu kubaka uruganda rukora rukora ibirahure birambuye (flat glass) na miliyoni 150 z'amadolari mu gukora ibirahure bibika ibintu (container glass).

Hashingiwe ku buryo uruganda ruzaba rukora, u Rwanda ruzaba rukeneye toni 220 z'ibirahuri by'amacupa buri mwaka, bitanga miliyoni 45 z'amadolari, ndetse na toni 400 z'amadirishya (flat glass), zitezweho gutanga miliyoni 75 z'amadolari buri mwaka.

Ibirahire birambuye bikoreshwa mu madirishya, inzugi n'inkuta z'ibirahuri, mu gihe ibikozwe nk'mu buryo bwo kubika ibintu bikoreshwa mu macupa, amayogi n'ibindi bikoresho bitandukanye, byose bikomeje kwiyongera mu Burasirazuba bwa Afurika.

# Umuganda ukwiye kureberwa mu kamaro kawo kurusha mu mafaranga



Umuganda ufasha gukemura ibibazo byari bihari

NYIRANEZA Judith

***Ku gicamunsi cyo ku wa Mbere tariki ya 24 Ugushyingo, Inteko rusange ya Sena yagejejweho na Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere raporo ku gikorwa cy'umuganda, mu kungurana ibitekerezo hagaragazwa ko umuganda utagombye kureberwa mu mafaranga ahubwo ukwiye kureberwa mu cyo umaze.***

Abasenateri batandukanye bagaragaje ko agaciro k'umuganda gatangwa usanga kadahuye n'agaciro kagenwa mu rwego rw'amafaranga.

Inteko rusange ya Sena yasuzumye raporo ya Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere ku gikorwa cyo kungurana ibitekerezo na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) ku ishyirwa mu bikorwa rya politiki ivuguruye y'umuganda.

Hibajijwe niba aho abaturage batuye umuganda ukorwa neza mu buryo butanga umusaruro, ndetse hagarukwa ku gaciro mu mafaranga kajya kagenerwa umuganda, hakaba hanahabwa agaciro k'igikorwa kiba cyakozwe kigakemura ikibazo abaturage bari bafite.

Senateri Dr Uwamariya Valentine yavuze ko mu kugaragaza agaciro k'umuganda hajya hagaragaramo gukabya.

Yagize ati: "Muri rusange, gutegura umuganda n'ibipimo byo kugaragaza umusaruro w'ibyakozwe n'ibikorwa habamo gukabya, ushobora gusanga abantu bakuye ibyatsi mu muhanda, bagatema ibihuru ugasanga bavuga ko umuganda ufite agaciro ka miliyoni 15. Biri mu bizaganirwaho ngo hashyirweho ibipimo bijyanye n'agaciro kuko bigira uruhare mu iterambere ry'abaturage."

Hongeweho ko nubwo gusa harebwa ikibazo cyari gihari cyakemutse bihagije kurusha kubibara mu mafaranga.

Ati: "Twareba ikiba cyakozwe tutabishyize mu mafaranga nta kibazo biteye, ahubwo byakemuye ikibazo cyari gihari, ikirebwa ni ukureba ngo ni iyihe mpinduka nziza byasize mu mibereho n'iterambere ry'Abanyarwanda."

Senateri Evode Uwizeyimana yagarutse ku kijyanye no kugena agaciro mu mafaranga aho bituruka, asubizwa ko biteganyijwe ari naho hateganywa ibijyanye nuko utitabiriye umuganda kandi ageze igihe cyo kuwitabira, hari ibihano, ariko nk'uko byagarutsweho ibyo bihano nubwo ari itegeko, ariko abantu barimo barashyira imbere cyane, kugira ngo Abanyarwanda dukore umuganda hadashingiwe ko twahanwe, bidashingiye ku itegeko kuko ni umwimerere w'Abanyarwanda.

Komisiyo yavuze ko uburyo bwo kugena agaciro hakirimo imbogamizi, bisabwa ko nyuma y'umuganda raporo igaragaza mu by'ukuri agaciro faranga k'ibikorwa byakozwe, ari naho yagaragaje ko mu gutanga raporo zizamuka zikagera kuri MINALOC usanga harimo kwa gukabya ku bikorwa byakozwe.

Igisubizo kikaba kitezwe mu nama y'inzego zitandukanye n'abafatanyabikorwa mu kungurana ibitekerezo hakazagaragazwa ko hakenewe guhuza umuganda n'ibyakozwe.

Abasenateri bashyigikiye ko koko hazakorwa inama nyunguranabitekerezo kugira ngo igikorwa cy'umuganda gihabwe umurongo uhamye, ari mu mitegurire yawo, mu kugena agaciro faranga n'ibindi.

ZIGAMA Theoneste

# Abari mu gisirikare cya Isiraheli basuye u Rwanda

***Abahoze mu gisirikare cya Isiraheli (IDF) biganjemo abamugariye ku rugamba, batangiye uruzinduko mu Rwanda guhera ku wa Kabiri tariki ya 25 Ugushyingo 2025.***

Ni muruzinduko bazamaramo icyumweru kirenga basura ibikorwa bijyanye n'umuco nyarwanda, kwigiranaho no kumenya amakuru ku budaheranwa n'amateka by'Abanyarwanda.

Basuye urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kigali ruri ku Gisozi, nyuma bakina imikino irimo uwa basketball, ndetse bateganya gusura Pariki y'Igihugu y'Ibirunga mu Karere ka Musanze no kugira ibiganiro nyunguranabitekerezo ku bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe.

Bakigera ku kibuga cy'indege Mpuzamahanga cya Kigali i Kanombe babwiye itangazamakuru ko bishimiye kugera mu Rwanda bavuga ko ari Igihugu cyiza kurusha ibindi muri Afurika.



Abahoze mu gisirikare cya Isiraheli (IDF) bishimiye ibihe byiza bagiriye mu Rwanda

Moti Harari wamaze imyaka 14 mu gisirikare cya IDF yavuze ko yishimiye kugera mu Rwanda avuga ko yiteze kugirana ibihe byiza n'Abanyarwanda birimo gukina imikino itandukanye no gusangira imico.

Miki Uzia umuyobozi w'Ikigo gishinzwe guteza imbere siporo mu murwa mukuru wa Telaviv, yashimangiye ko ikipe y'abo basuye u Rwanda, isanzwe ikina mu marushanwa kandi bazishimira gukina imikino itandukanye n'Abanyarwanda.

Yagize ati: "Twaje hano twishimiye kuzabona umuco mwiza y'Abanyarwanda, turishimye cyane kuba tubabona kandi ibyo tuzasangira muri iki cyumweru ni byiza."

Yavuze ko ikipe y'abamugariye ku rugamba bafite yakinnye mu bihugu bitandukanye birimo Canada no mu Bufaransa ariko muri Afurika ntiyahageze

Yunzemo ati: "Dufite amakipe yo koga, gukina Basketball, twakinnye mu bihugu bitandunye birimo Canada, impamvu twaje mu Rwanda ntabwo twigeze dukinira muri Afurika.

Bashimiye Guverinoma y'u Rwanda ifatanyije na Ambasade ya Isiraheli mu Rwanda kuba baradufashije kugera muri iki gihugu.

Umubano w'u Rwanda na Israel watangiye gushinga imizi tariki ya 1 Mata 2019 ubwo icyo gihugu cyafunguraga Ambasade mu Rwanda mu rwego rwo kurushaho kunoza umubano w'ibihugu byombi.

Nyuma yaho, Sosiyete ishinzwe gutwara abantu n'ibintu mu Ndege RwandAir yatangiye gukorera ingendo muri Israel bituma umubano w'u Rwanda na Israel ukomeza gutera imbere, ubwo bufatanye bukomereza no mu zindi nzego zitandukanye. Ibihugu byombi bimaze igihe bifitanye umubano ukomeye mu bufatanye mu nzego zitandukanye harimo uburezi, ingufu, ikoranabuhanga, guhanga udushya, ubuvuzi n'ibijyanye n'umutekano.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Gusenga biremewe ariko kwiba ni icyaha*

Nk'uko bishimangirwa n'Ingingo ya 37 y'Itegeko Nshinga, "ubwisanzure mu bitekerezo, mu mutimanama, mu guhitamo idini, mu gusenga no kubigaragaza mu ruhame burengerwa na Leta mu buryo buteganywa n'amategeko."

Ibi bishimangira ko u Rwanda ruha agaciro gakomeye amahitamo y'imyemerere y'abaturage kuko iyo bikozwe neza bifasha mu kuyobora abantu ku cyerekezo kimwe cyafasha mu iterambere ry'Igihugu.

Ubwo Perezida Paul Kagame yaganiraga n'abanyamakuru, yabajijwe ikibazo cy'insengero zavuguruwe ariko zimwe zikaba zitangiye kongera gusaza zitarakorerwamo, igisubizo yatanze cyakangaranyije benshi kuko atari cyo bari biteze kumva.

Yagize ati: "Bibaye ari njyewe nta rusengero na rumwe nafungura… mu ntambara ziri ku Isi no kwirwanaho kw'Igihugu, insengero zibifitemo ruhare ki? Na zo ziratanga akazi se? Abenshi ni abajura. Ariko muba he mwebwe? Njyewe ko ibyo mbona huzuyemo ububandi gusa? Kurwana n'amabandi ari mu nsengero na byo nta mpuhwe mbifitiye rwose…"

Ubu butumwa bw'Umukuru w'Igihugu bushobora kuba butararyoheye amatwi ya benshi, ariko guhishe ukuri bamwe birengagiza kubera guhumwa amaso n'amarangamutima cyangwa akamenyero k'ibyo bemera.

Umukuru w'Igihugu ntiyavuze ko abantu badakwiye gusenga, ahubwo yashimangiye ko uko gusenga kudakwiye gutwara ubuzima bw'umuntu bwose ngo yibagirwe no gukorera ibimubeshaho bikamuteza imbere.

Ikibazo cy'insengero n'amadini yahindutse nk'inzu z'amaguriro n'ubushukanyi cyahagurukiwe guhera mu 2018, ubwo byagaragaraga ko hari abo imitima yabo yabaye akahebwe ku buryo bemera no gushyira ubuzima bwabo mu kaga.

Uretse abasengeraga mu migezi, mu buvumo, ibihanamanga n'ahandi hashyira ubuzima bwabo mu kaga, hari n'abo byagaragaye ko insengero aho kubateza imbere zabakeneshaga ahubwo zigakungahaza abashumba.

Mu by'ukuri, Imana ntiyigeze isaba abantu kuyisenga bashyira ubuzima bwabo mu bibazo, ahubwo isaba buri wese, gukoresha imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge, no kwirinda amahugu.

Gusa ubu ibyo Imana yabuzanyije ni byo byimitswe mu madini menshi, aho abakene bamburwa n'ibyo batunze bizezwa ibitangaza, abakire na bo bagafatirwa mu bukire bwabo bakibagirwa inshingano.

Gusenga ni byiza, ariko kubyifashisha mu kwambura abaturage bikwiye gufatwa nk'ubwambuzi bushukana, bikabaganwa ndetse bigahanwa nk'ibindi byaha by'ubwambuzi.

Abakirisito bazi ko, "NTUKIBE" ari itegeko rya munani naho "NTUKIFUZE IBY'ABANDI" rikaba irya 10. Ubundi ntibyari bikwiye ko abitirirwa izina ry'Imana bahwiturwa na Leta bakora ibyaha babeshya ko baje kurwanya ku Isi.

# FDLR ni benshi, uko ni ukuri- Perezida Kagame



Perezida Kagame yasobanuye ko abamubaza ngo mbese FDLR ni bangahe baba bagamije kumushinja kuyikabiriza

NTAWITONDA Jean Claude

***Mu gihe amahanga agerageza gupfobya ubukana bw'ibibazo umutwe w'iterabwoba wa FDLR uteje u Rwanda n'Akarere k'Ibiyaga Bigari muri rusange, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yashimangiye ko nta washidikanya ko abagize uwo mutwe ari benshi.***

By'umwihariko yanagaragaje ko ibyihebe bitagombera ubwinshi, kuko n'iyo abagize umutwe w'iterabwoba baba bake cyane kugeza kuri batanu, bashobora guteza ingorane zikomeye mu gihugu no ku Karere.

Mu kiganiro n'abanyamakuru cyabaye ku wa Kane tariki ya 27 Ugushyingo 2025, Perezida Kagame yahishuye ko hari abayobozi b'i Burayi bamubaza umubare wa FDLR bagamije kumushinja kuyikabiriza.

Yavuze ko mu gihe u Burundi na Uganda byemerewe kohereza ingabo zo kurwanya imitwe y'iterabwoba ibarizwa ku butaka bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), u Rwanda rwo rucecekeshwa rubwirwa ko FDLR itakiri ikibazo.

Guverinoma ya RDC ivuga ko u Burundi bwatumiwe kugira ngo bujye guhangana n'umutwe wa RED Tabara, mu gihe Uganda yo yahawe ubwo burenganzira ngo ijye guhangana n'uwa ADF-Nalu.

Perezida Kagame, yavuze ko imitwe yabonywe nk'ikibazo cyatumye ibyo bihugu bitumirwa, ari agace gato ugereranyije na FDLR n'ibibazo iteje muri RDC no mu Karere muri rusange.

Yagize ati: "Njye nkeka ko abo bandi ari agace gato ka FDLR, ariko bafatwa nk'abateje ikibazo kubera ko ari ibyihebe. Ntureba, ibyihebe n'iyo byaba ari bitanu, bashobora guteza ingorane kandi abantu babifata nk'ibikomeye.

None se kubera iki FDLR nta n'umwe uyifata gutyo kandi bazi amateka yabo, noneho ikibabaje kurushaho bazi ko bakorana na Leta muri DRC?"

Umukuru w'Igihugu yavuze ko uretse kuba FDLR iteje ibibazo by'umutekano muke, ari na yo zingiro ry'imvugo z'urwango n'ingengabitekerezo ya Jenoside ikomeje kuba nka virusi mu bihugu bigize Akarere k'Ibiyaga Bigari.

Yakomeje agira ati: "Mwumvise imvugo z'urwango n'ibindi bintu bitandukanye, ariko ukumva abantu baravuga ngo mbese abo ba FDLR baba ari bangahe?

Ni nko kumbaza inshingano zo guhimba imibare; niba ushaka kumenya imibare, ni benshi uko ni ukuri. Noneho, ariko ikintu cyo kuvuga bati ni bangahe, ni nko kuvuga bati urimo gukabya. Nabibajijwe na bamwe mu bayobozi b'i Burayi.

Iyo umuntu ambajije icyo kibazo mpita ntekereza ko ikimushishikaje ari ukugerageza guhishira ikibazo ngahita mbihuza n'ibyo ngenda mbona, nk'amatangazo akorerwa muri Loni, aho bavuga bati reka buriya FDLR ivugirwa mu matamatama gusa ntabwo ari ikibazo.

Ariko impamvu ni ukugira ngo berekane ko u Rwanda rutakabaye rugira ingamba rubafatira. Njye mbibona nk'aho baba bashatse kuvuga bati bariya ntaho bahuriye n'amateka yose, harimo n'inshingano z'ibyo bakoze hano."

Perezida Kagame yahamije ko kuba ibihugu by'amahanga bigerageza guhishira FDLR nta gitunguranye kirimo, cyane ko bimaze imyaka myinshi bijya n'impaka zitari ngombwa ku ngano y'abishwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

**FDLR ibacuruzaho amabuye y'agaciro bakabigereka ku Rwanda**

Perezida Kagame yanakomoje ku buryo umutwe wa FDLR umaze imyaka myinshi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu Burasirazuba bwa RDC, ariko ikaba itavugwaho ahubwo bikarangira bigeretswe ku Rwanda.

Perezida Kagame asanga bibabaje kubona Abanyaburayi babona FDLR nta cyaha na kimwe ifite kandi bazi uruhare abayishinze bafite mu mateka y'u Rwanda.

Ati: "Kubera iki bafatwa nk'aho nta cyaha bafite muri ibi bibazo, kandi buri munsi tugaragaza ibibazo bifitanye isano na FDLR? … Mu by'ukuri bamwe muri abo ba FDLR bakora ubucukuzi mu Burasirazuba bwa Congo. Ni he batwara amabuye bacukura? Ayo ni amabuye ajyanwa i Burayi ariko, ariko bahitamo kubigereka ku Rwanda bitwaje inkuru zivugwa mu bucukuzi."

Perezida Kagame kandi, yagaragaje uburyo Guverinoma ya RDC ikorana bya hafi n'umutwe w'itwrabwoba wa FDLR winjijwe mu ngabo za Leta (FARDC), ndetse ukaba utozwa ukanahabwa ibikoresho na yo.

Perezida Kagame yaboneyeho guhishura ko hari byinshi bikorerwa mu gikari bifitiye amahanga inyungu, birimo no kuba hari abashyigikiye imikoranire ya RDC na FDLR, ku buryo badashobora kuyigaragaza nk'ikibazo cy'Akarere na Afurika yose.

# Ambasaderi wa Isiraheli ashima ubudaheranwa bw'abanya-Rwanda n'iterambere bagezeho



Ambasaderi wa Isiraheli mu Rwanda Einat Weiss n'itsinda ry'abahoze mu gisirikare cya Isiraheli basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali

ZIGAMA Theoneste

***Ambasaderi wa Isiraheli mu Rwanda Einat Weiss, yashimye uburyo Abanyarwanda bishatsemo ibisubizo ku bibazo bikomoka kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, anashimangira ko azakomeza guharanira ko imikoranire hagati y'u Rwanda na Isiraheli irushaho gutera imbere.***

Ibi yabigarutseho ubwo yari kumwe n'itsinda ry'abahoze mu gisirikare cya Isiraheli (IDF Veterans) basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruherereye ku Gisozi, bagahabwa ishusho rusange y'amateka yagejeje u Rwanda kuri Jenoside ndetse n'ay'igihe cyayikurikiye.

Nyuma yo gusobanurirwa amateka y'amacakubiri n'ingengabitekerezo bya Jenoside, iri tsinda ryunamiye ndetse rishyira indabo ku mva rusange iruhukiyemo abasaga ibihumbi 250.

Ambasaderi Weiss yavuze ko gusura urwibutso bifite agaciro kanini ku Banya-Isiraheli kuko amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi ahuza byinshi n'ayabaye ku Bayahudi nabo bakorewe Jenoside.

Yagize ati: "Kuza hano mu Rwanda ni uko rwo na Isiraheli bisangiye amateka, birimo kwishamo ibisubizo. Ni byiza ko baza gusura urwibutso kuko ni ahantu hatwereka amateka yahise n'igeno ry'ahazaza, mu gihe baje hano kurusura rero basobanukirwa ukuntu ari ingirakamaro kurwanirira igihugu ukaba wanabikomerekeramo."

Yakomeje avuga ko Jenoside yakorewe Abatutsi n'iyakorewe Abayahudi bifite uburyo bihurira ku kwambura abantu ubumuntu.

Ati: "Ibi byabaye mu Rwanda no ku Bayahudi bishobora no kuba n'ahandi ku Isi muri iki gihe, ikintu cya mbere ni ukumenya impamvu habaye ivangura. Akazi kacu nk'u Rwanda na Isiraheli ni ukwigisha abantu bose bo ku Isi ko atari ibyacu gusa ahubwo bireba buri wese wo ku Isi ko na we ashobora kuba inzirakarengane umunsi umwe."

Weiss yavuze ko kuba abenshi mu basuye urwibutso ari abarwanyi ba kera, bamwe bafite ubumuga bwakomotse ku ntambara, byababakoze ku mutima kubona ukuntu Jenoside itegurwa mu gihe kirekire.

Ati: "Bamwe muri bo bakomerekeye mu ntambara zo mu bihe byashize, nko mu myaka 15 ishize, kandi bose bababariye mu ntambara bafite amashusho abagarukamo yo kurwana.

Iyo rero baje gusura hano bamenye ko bagifite akazi, basobanukirwa ko Jenoside idategurwa umunsi umwe, ni igikorwa gitegurwa mu binyacumi by'imyaka."

Ambasaderi yongeyeho ko Isiraheli yiyemeje kwamagana uwo ari we wese usesereza mugenzi we kubera inkomoko cyangwa ubwoko bwe, anashima u Rwanda kuba rwarashyizeho gahunda zitajenjeka zo kudasiga inyuma abafite ubumuga.

Ati: "Iyo tuvuga ko u Rwanda ruyoboye mu iterambere muri Afurika tuba tuvuga ko abafite ubumuga bafite uburenganzira kuri serivisi zose nk'abandi baturage. Urwo rugendo rero nka Isiraheli turaza tukareba tuti 'babihisemo reka natwe tubikore'."

Yibukije ko Isiraheli yakomeje gufasha u Rwanda mu bikorwa byo kwiyubaka kuva Jenoside ihagaritswe, by'umwihariko mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, umuco n'amateka.

Yakomeje agitra ati: "Ibyo bikorwa bidasanzwe twavuga nko kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, umuco n'amateka, ni yo mpamvu twahisemo gusura u Rwanda kuko Guverinoma y'Igihugu cyanjye ihabona nk'ahantu heza."

Yavuze ko ingendo z'itsinda ry'abahoze muri IDF zizibanda no gusura ibikorwa byita ku bafite ubumuga, gusura ingagi, Pariki y'Akagera no kuganira n'abantu banyuze mu ihungabana. Biteganyijwe kandi ko bazakina imikino irimo Basketball.

Ambasaderi Weiss yashimye iterambere u Rwanda rugezeho anasaba ko uru rugendo rukomeza kugira ngo ibihugu byombi bikomeze kungurana ubumenyi.

Ati: "Ubushize hari abaturage 70 bavuye mu Rwanda bajya muri Isiraheli kwiga iby'ubuhinzi n'ubukungu bwisunze ikoranabuhanga, ibyo bikomeza gushimangira umubano wacu. Dufite amatsinda 4 bamaze ibyumweru bahanga udushya kandi ibyo bizakomeza kuko hari ibikorwa by'ubucuruzi bizakorerwa hano."

Yashimiye Abanyarwanda indangagaciro zo gushyira hamwe n'ubushake bwo kwishakira ibisubizo, birimo kwishyirira inkiko Gacaca, Umuganda n'ibindi bikorwa byababafashije kwiyubaka nyuma ya Jenoside, bikaba bibagize intangarugero ku Isi.

MUTETERAZINA Shifah

# Gasabo: Barashima Leta yashyizeho uburyo bwo gusezerana mu mategeko

***Bamwe mu bari bashakanye batarasezeranye mu buryo bw'amategeko, by'umwihariko abo mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, barashimira Leta y'u Rwanda yashyizeho uburyo bwo gusezeranya imiryango imaze igihe ibana muri ubwo buryo.***

Byagarutsweho ku Kabiri tariki ya 25 Ugushyingo 2025 ubwo mu Karere ka Gasabo mu Murenge wa Rutunga, ubuyobozi bwaseranyaga mu mategeko imiryango 24 yari imaze igihe ibana itarasezeranye.

Ni igikorwa cyahuriranye no gutangizwaga ku mugaragaro iminsi 16 yo kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina n'icuruzwa ry'abantu.

Ni gahunda abaturage bishimiye bavuga ko gusezerano imbere y'amategeko bigiye kubafasha kubana mu mahoro no kugira ishema mu muryango nyarwanda.

Hakizimana Evariste na Nirere Adelphine, bari bamaze imyaka 29 babana batarasezeranye, bakaba basezeranye.

Nyuma yo gusezerana, bagaragaje ibyishimo n'umunezero, bavuga ko bibongereye agaciro.

Hakizimana ati " Uyu munsi ni uw'ibyishimo, nabaga mfite ipfunwe kuko nabanaga n'umugore tutasezeranye, najya kwaka icyangombwa bakavuga ngo uri ingaragu, bakangereranya n'abana mbyaye.

KOMEZA KU RUP.9





# Gasabo: Barashima Leta yashyizeho uburyo bwo gusezerana mu mategeko

IBIKURIKIRA URUP.8

Byanteraga ipfunwe kuko nanjye mfite abana b'abasore, ni ibyishimo kuri njye n'umugore wanjye."

Ibi kandi abihurizaho n'umugore we Nirere Adelphine uvuga ko ubu ari bwo yiyumva nk'umugore kurusha ikindi gihe cyose yabayeho.

Ati: "Kuba ntari narasezeranye byatumaga numva ko nubwo dufite imitungo nta ruhare nyifiteho, ariko uyu munsi ndishimye kuko ubu ndumva ndi umugore wahawe agaciro."

Akomeza avuga ko yahoraga afite ubwoba ko imyaka bari bamaze bashakisha ibyatunga umuryango wabo, ko isaha n'isaha haza undi mugore akaba ari we uyijyamo.

Ati: "Ariko ubu ndatekanye tugiye gushyira hamwe turushaho kwiteza imbere."

Mukagatare Syberia na Ndabamenye Venuste, na bo bari bamaze imyaka 9 babana batarasezeranye imbere y'amategeko, bavuga ko bashimira Leta yashyizeho gahunda yo gusezeranya abasanzwe babana batarasezeraniye imbere mategeko, kuko bari kuzarinda bapfa bubatse umuryango udafite agaciro.

Bati: "Turashimira Leta y'u Rwanda yazanye iyi gahunda, nk'ubu twari kuzapfa nta gaciro tugize nk'umuryango wemewe n'amategeko kuko twishyingiye."

Iyi miryango ivuga ko kuba bari babanye neza nta bibazo bafitanye bitari bihagije, kuko baterwaga ipfunwe n'uko nta yindi miryango bashoboraga kugira inama, gusezerana bikaba bitumye barushaho kwigirira icyizere bakazanakigirirwa aho batuye.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe Imibereho y'Abaturage, Urujeni Martine, yasabye abasezeranye guharanira kubaka umuryango uzira ihohotera.

Ati : "Insanganyamatsiko dufite uyu mwaka iravuga ngo 'Twubake umuryango uzira ihohotera'. Aya magambo atwibutsa ko umuryango ari umusingi w'ubuzima, ni ho tuvukira, turererwa ndetse ni na ryo shingiro ry'Igihugu cyacu n'umudendezo wacu, kuko ibyo dukora byose biwushingiyeho."

Turasaba abaturage by'umwuhariko abageni bacu twashyingiye uyu munsi, kutihanganira kubona ihohotera iryo ari ryo ryose rikorwa, waba urikorerwa cyangwa urikorera undi."

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Batamuriza Mireille, yibukije abitabiriye ubwo bukangurambaga ko bakwiye kuzirikana ko ihohotera rishingiye ku gitsina ari icyaha gihanwa n'amategeko, no kwirinda icyazatuma bagwa mu mutego w'icuruzwa ry'abantu.

Ubwo bukangurambaga bwatangijwe na MIGEPROF, ifatanyije n'abafatanyabikorwa bayo, bikaba biteganyijwe ko muri iyo minsi 16, hazatangwamo ibiganiro bitandukanye bizafasha abaturage gusobanukirwa uko babungabunga imiryango n'ibijyanye n'ibyaha bishingiye ku icuruzwa ry'abantu.



U Rwanda ruri mu bihugu bine byagenewe inkunga izabifasha mu gukoresha indege zitagira abapilote zizakoresha AI

# U Rwanda mu bihugu bigiye kunguka 'drones' zikoresha AI

NTAWITONDA Jean Claude

***U Rwanda rugiye kubimburira ibihugu bine bya Afurika byagenewe inkunga ya miliyoni 150 z'amadoari ya Amerika, ni ukuvuga miliyari zisaga 218 z'amafaranga y'u Rwanda, zizifashishwa mu kwagura indege nto zitagira abapilote (drones) zikoresha ikoranabuhanga ry'ubwenge muntu buhangano (Artificial Intelligence).***

Iyo nkunga yatanzwe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) yagenewe Ikigo Zipline gikomeje kwagura ubwikorezi bwo mu kirere bwifashishwa 'drones' ku mugabane wa Afurika, gihereye mu Rwanda aho cyatangiriye mu mwaka wa 2016.

Ni inkunga biteganyijwe ko izatwangwa binyuze mu bigo Goldman Sachs and Sequoia Capital, igihe Zipline izaba imaze gusinyana amasezerano na Leta y'u Rwanda Rwanda, iya Kenya, Nigeria na Côte d'Ivoire yo kwagura ikoranabuhanga ry'ubwenge muntu buhangano mu bwikorezi bwo mu kirere bwifashisha drones.

Ayo masezerano agamije kurushaho kwimakaza gukwirakwiza ibikorwa remezo bya serivisi z'ubuzima hifashishijwe AI ku mugabane wa Afurika.

Iyo nkunga iri mu byo Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika yita igerageza rigamije kwishyura imikorere myiza y'ibihugu, aho ibihugu byatoranyijwe bizafashwa kongera ibikorwa remezo bigezweho bya Zipline byifashishwa mu buzima.

Ibihugu bine byagenewe iyo nkunga bimaze igihe bikoresha serivisi za Zipline, ikazabifasha gusa kwimakaza ikoranabuhanga rigezweho ndetse no kurushaho kwihutisha serivisi z'ubuvuzi zikagera ku mamiliyoni y'abaturage babyo.

Biteganywa ko uwo mushinga ushyirwa mu bikorwa mu buryo bwuzuye uzatuma abaturage bagera kuri miliyoni 130 muri Afurika barushaho koroherwa no kugerwaho na serivisi z'ubuvuzi, bikazaba byongereye umubare w'amavuriro Zipline igeramo ukava ku 5.000 ukagera ku 15.000.

Ubuyobozi bwa Zipline buteganya ko ibyo bizafasha guhanga imirimo 800 yo ku rwego ruhanitse mu birebana n'ibikoresho, za robo n'ikoranabuhanga ry'ubuvuzi, yitezwho kwinjiza miliyari 1 y'amadolari ya Amerika buri mwaka.

Umuyobozi Mukuru wa Zipline akaba n'umwe mu bayishinze Keller Rinaudo Cliffton, yagizwe ati: "Ubu bufatanye bugaragaza neza ibyo Leta Zunze Ubumwe za Amerika zishobora gutanga ari byo guhanga udushya, imirimo yo ku rwego ruhanitse, n'ikoranabuhanga ibihugu bishobora kwifashisha mu iterambere ry'ahazaza."

Yakomeje agaragaza ko inkunga ya USA izarushaho kwihutisha ikoranabuhanga rigezweho ryaba irya robo, AI ndetse n'iryifashishwa mu bikoresho binyuranye byifashishwa mu bwikorezi bwa drones bwamaze kugaragaza umusaruro ufatika ku mugabane wose.

Guhera mu mwaka wa 2016 ubwo yatangiraga mju Rwanda, Zipline yarushijeho kwagura serivisi zitabara ubuzima bwa benshi. Icyo kigo gitangaza ko inshingano zacyo aei ugusunikira za Guverinoma kwakira drone nk'igikorwa remezo gihoraho cyoroshya urugeendo rw'iterambere ry'igihugu.

Guverinoma y'u Rwanda ihamya ko gukoresha drones mu rwego rw'ubuzima no mu zindi nzego bitanga umusaruro mwishi mu buryo butangaje.

Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo Madamu Ingabire Paula, yagize ati: "Gukoresha indenge nto zitagira abapilote mu gukwirakwiza ibikoresho by'ubuvuzi byagabanyije igihe, kandi bitabara n'ubuzima."

Ibindi bihugu nka Nigeria na byo bishomangira ko drones zifasha cyane iterambe ryabyo, by'umwihariko mu rwego rw'ikoranabuhanga ryifashishwa mu buvuzi.

Minisitiri w'Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage Muhammad Ali Pate, yagize ati: "Mu gihugu kirimo abaturage miliyoni 200, Nigeria ihura n'imbogamizi zihariye ariko zibyara amhirwe mu gutanga ubuvuzi. Drones ziza nk'umutabazi wihuse kandi udatwara igihe."

Ubuyobozi bwa Zipline buhamya ko inkunga yahawe ibihugu bya Afurika ari intangiriro y'impinduka zigezweho mu rwego rw'ubuvuzi, bugashimira Amerika ikomeje gushyigikira icyerekezo cy'ibihugu bya Afurika cyo kwigira binyuze mu kubyaza umusaruro ikoranabuhanga ritanga ibisubizo birambye.




Abafite ubumuga bariga kandi bakabishobora, ni abo kwitabwaho

# Abana bafite ubumuga barenga ibihumbi 17 ntibiga

**KAMALIZA Agnes**

***Imibare igaragazwa n'Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga mu Rwanda, (NCPD) yerekana ko abana bafite ubumuga 17 302 batiga kandi bagombye kuba bari mu ishuri.***

NCPD kandi igaragaza ko abandi bangana na 34 830 bujuje imyaka 16 batanditse mu bitabo by'irangamimerere.

Ni ibyagarutsweho ku wa 25 Ugushyingo 2025, mu kiganiro n'itangazamakuru cyagarukaga ku cyumweru cyahariwe abafite ubumuga kizatangira ku wa 26 Ugushyingo 2025, kikazasozwa ku wa 03 Ukuboza hanizihizwa umunsi Mpuzamahanga.

Ukaba ari umunsi uzizihizwa ku nsanganyamatsiko igira iti: "Dushyigikire umuryango udaheza abantu bafite ubumuga duteze imbere imibereho myiza."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCPD, Ndayisaba Emmanuel, avuga ko mu bizarebwa muri icyo cyumweru harimo n'uburyo abo bana 17 302 batiga bari mu Turere twose tw'Igihugu basubizwa mu ishuri.

Yagize ati: "Muri sisiteme twubatse tumaze kubona abana bafite ubumuga batari mu mashuri bagombye kuba barimo. Turashaka ko tuzayikoresha kugira ngo mu Turere twose abo bana bababarebe kandi babasubize mu mashuri."

Ndayisaba yongeyeho ko kuba abana bangana gutyo batiga ari igihombo kuko hari abafite ubumuga bize, banaba abahanga ku rwego rushimishije bagira icyo bimarira n'imiryango yabo.

Imibare ya NCPD yo muri Kamena 2025, y'ibanze y'ubushakashatsi ku bantu bafite ubumuga mu Rwanda yagaragaje ko abafite ubumuga 145 362 bangana na 25,8% bafite akazi, naho 317 360 bangana na 56,4% nta kazi bafite, mu gihe 99 462 bangana na 17,7% nta makuru yabo ahagije yamenyekanye.

Abafite ubumuga muri rusange bangana na 562 184, muri bo abantu 250 563 bangana na 44,5% ni ab'igitsina gabo, ab'igitsina gore ni 310 838 bangana na 55,2%, mu gihe abangana na 783 bangana na 0,3% nta makuru ahagije ku mibereho yabo yamenyekanye.

Ihuriro ry'Imiryango Nyarwanda y'Abantu bafite Ubumuga, NUDOR igaragaza ko nubwo hari ibihamya bigaragaza ko abafite ubumuga bashobora kwiga kandi bakisanga mu mirimo itandukanye, ariko hakiri inzitizi za bamwe mu babyeyi bagifite imyumvire ko umwana ufite ubumuga ntacyo yashobora ari nayo mpa mpamvu bamwe banga kubashyira mu mashuri.

Umuyobozi Ushinzwe Porogaramu muri NUDOR, Vuningabo Emile avuga ko mu mbogamizi zikigaragara zituma abo bana batiga ari imyumvire y'ababyeyi ikiri hasi.

Yagize ati: "Hari ababyeyi bagifite imyumvire iri hasi aho bumva ko umwana ufite ubumuga atagomba kujya ku ishuri."

Asaba abo babyeyi guhindura imyumvire kuko hari abana b'abahanga bafite ubumuga bakora imirimo itandukanye mu gihugu no kurushaho guharanira iterambere ry'ufite ubumuga bikorewe mu muryango.

Vuningabo yemeza ko hari abana bafite ubumuga 540, bashoboye kwiga mu mashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro, ubu bakaba barabonye ibikoresho bibafasha kwihangira imirimo.

Muri iki cyumweru cyahariwe abafite ubumuga hateganyijwemo ibikorwa bitandukanye birimo ibiganiro ku burezi budaheza bizatangwa n'Ikigo Gishinzwe Uburezi (REB), ibiganiro ku ngingo zirebana n'abafite ubumuga bizanyuzwe kuri radiyo na televiziyo, ibikorwa bizakorerwa ku rwego rw'Imirenge n'Uturere n'ibindi.

Umunsi Mpuzamahanga w'Abafite Ubumuga washyizweho n'Umuryango w'Abibumbye mu 1992.

# Ntawukura undi mu bukene, umuntu abwikuramo agaherekezwa- Guverineri Kayitesi

**NYIRANEZA Judith**

***Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Kayitesi Alice, yavuze ko nta muntu ukura undi mu bukene, ahubwo habaho ko umuntu ubwe abigiramo uruhare, akiha intego yo kwikura mu bukene, maze ubuyobozi bukamuherekeza.***

Yabikomojeho mu kiganiro n'abanyamakuru, ku gicamunsi cyo ku wa Gatanu tariki ya 28 Ugushyingo 2025, cyagarukaga ku ishusho y'iyi Ntara mu nzego zitandukanye, zirimo umutekano, ubukungu, imibereho y'abaturage, imiyoborere n'ubutabera.

Yagize ati: "Nta muntu ukura undi mu bukene, umuntu yikura mu bukene ahubwo inzego z'ubuyobozi n'abafatanyabikorwa bakamuherekeza, bakamufasha."

Yakomeje asobanura ko ari ko byakumvikana umuntu uva mu bukene, akamenya ngo uruhare rwe ni uruhe?

Guverineri Kayitesi yavuze ko umwaka ushize abaturage basaga 39 000 bavuye mu bukene, naho mu cyiciro kizakurikiraho hakaba hazafashwa abaturage 79 000 kwikura mu bukene.

Mu birebana no gufasha abaturage kwikura mu bukene, hari ingamba zihari zatangiye gushyirwa mu bikorwa, ndetse zikinakomeje.

Yagize ati: "Hari ingamba ku bufatanye n'ubuyobozi, zifasha abaturage kwikura mu bukene zirimo kumenya iyo miryango aho ihererereye n'uko ihagaze, kuyihuza n'amahirwe ahari, kuyifasha guhindura imyumvire igaherekezwa ikagaragaza gahunda yayo yo kwikura mu bukene, gufatanya n'abafatanyabikorwa n'izindi.

Muri Mata 2025, ubwo Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyashyiraga ahagaragara ibyavuye mu bushakashatsi bwa 7 ku mibereho y'ingo mu Rwanda, cyagaragaje ko igipimo cy'ubukene cyagabanyutse kivuye kuri 39.8% mu 2017 kigera kuri 27.4% mu 2024, bigaragaza igabanyuka rya 12,4%.

Ni mu gihe igipimo ku bukene bukabije, cyagabanyutse kiva kuri 11.3% mu 2017 kigera kuri 5.4% mu 2024, aho muri rusange Abanyarwanda miliyoni 1.5 babashije kuva mu bukene mu myaka 7 ishize.



Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Kayitesi Alice, yasobanuye ko umuntu yifatira icyemezo cyo kuva mu bukene





# Hasanwe imiyoboro y'amazi 160 muri 432 itakoraga- MININFRA

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA), yatangaje ko mu myaka ibiri ishize, imiyoboro y'amazi 160 yari yarangiritse imaze gusanwa. Minisitiri w'Ibikorwa remezo, Dr Jimmy Gasore, yavuze ko kugeza ubu hari indi miyoboro 265 izasanwa hagendewe ku ngengo y'imari uko izagenda iboneka.***

Yavuze ko Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gukwirakwiza Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC), cyahawe inshingano zirimo ko 432 idakora mu gihugu hose hahita hatangira ingamba zo gusana ya miyoboro n'abafatanyabikorwa.

Yabigarutseho ubwo yasobanuriraga abagize Inteko Ishinga Amategeko ibijyanye n'ibikorwa remezo by'umwihariko iby'amazi agezwa ku baturage.

Yagize ati: "Mu myaka Ibiri ishize hamaze gusanwa imiyoboro igera mu 160 kuko hasigaye 265. Muri ya miyoboro 432 itarakoraga, hasigaye 265 idakora mu gihe cy'imyaka Ibiri.

Buri mwaka tugenda duteganya ingengo y'imari yo kuzayisana hakabaho n'abafatanyabikorwa batandukanye n'abo tugenda dufatanya ya miyoboro tukayivugurura."

Igitandukanye n'uko hari urwego rwa WASAC ruyireberera ku buryo nibura iyo asanwe iba yizewe ko itazongera gupfa.

Yavuze ko hari ugupfa kw'imiyoboro ndetse n'ibyavuzwe mu nyandiko by'ubuziranenge bw'amazi, kubera ko umuyoboro uba uhari ariko no kugira ngo ya mazi agire ubuziranenge bisaba ikiguzi.

Ati: "Hari imiti igomba kugurwa ikongerwamo ku buryo buhoraho. Hari aho wasangaga n'abashoramari kubera kutagira ubagenzura uhoraho, banyuzamo bakaba bakohereza amazi adafite imiti ihagije.

Ibyo byose byarakemutse aho imiyoboro yakoze ariko ni urugendo rurerure kuri WASAC iri kwakira inshingano nshya."



Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Dr Jimmy Gasore

Minisitiri w'Ibikorwaremezo, Dr Jimmy Gasore yakomoje ku ngamba zihari zo gukemura ikibazo cy'ibura ry'amazi mu Mujyi wa Kigali.

Asobanura ko kuva WASAC yava kuri Electrogaz, ifite ibikorwa remezo yagiye yubaka kuva mu myaka ya kera ya 1980 bimwe muri byo bikinakoreshwa.

Ikoranabuhanga ryariho icyo gihe ryari amatiyo kandi amenshi ari ay'ibyuma, agahamya ko amenshi muri yo azana ingesi agatoboka.

Ikindi Umujyi wa Kigali wari utuwe n'abaturage bake mu myaka 30 ishize ugereranyije n'uyu munsi.

Agira ati: "Uwashushanyije iyo tiyo nini icyo gihe, yari yagereranyije n'umubare w'abaturage bahari. Uyu munsi abaturage bikubye nshuro cumi kugira ngo ukomeze ubahe amazi, tuzamura cyane imbaraga (pressure) z'amazi anyura muri rya tiyo rimwe na rimwe rigahabwa amazi arenze ubushobozi bwaryo.

Icyo ni ikibazo cy'ibikorwa remezo tunakoraho, mujya mubona ko tunyuzamo tukavugurura imiyoboro, tugashyiraho amatiyo manini nk'izamuka Gatsata ijya Gisozi ariko ntitwabishoborera rimwe byose.

Uyu munsi tureba ahababaye cyane tukahakora, mu Mujyi wa Kigali no mu Mijyi yubatswe mbere ariko tukanazirikana n'ahandi tukavuga ngo ese ko uyu munsi ko n'amazi dufite mu Mujyi wa Kigali ataduhagije, ni bwo duhitamo igice kinini cy'amafaranga kikajya ahababaye ibikorwa remezo ikindi gisigaye kikajya mu ishoramari ry'inganda nk'uku turimo kuzamura uruganda rwa Karenge kugira ngo amazi aboneke mu Mujyi wa Kigali."

Akomeza agira ati: "Politiki iratuyobora ndetse ikadutegeka kugeza amazi meza ku baturage bose mu bushobozi buhari kandi tunashima ko hari byinshi byakozwe mu bijyanye n'ubushobozi."

Minisitiri w'Ibikorwaremezo, Dr. Gasore, yavuze ku ngamba zo guhangana n'ikibazo cy'amazi akunze gusenya ibikorwaremezo.

Ati: "Ubu imihanda mishya turi gukora yose, turi kuyobora amazi tukayageza mu kabande."

Ubusanzwe Ikigo gishinzwe Umutungo Kamere w' Amazi mu Rwanda (*RWB*) ni cyo kigenzura umutungo kamere w'amazi mu gihugu bityo ngo umuntu wese ugiye gukoresha amazi yaba na WASAC ubwayo na REG iyo ikora ingomero, basaba uruhushya RWB.

Yavuze ati: "Ni yo itubarira kugira ngo tudakamya ibiyaga kuko amazi dukura mu kiyaga aba agomba kungana n'ajyamo."

Ku bijyanye no gufata amazi y'imvura byagiye bigaragara ko hari imishinga yagiye ikorwa mu buryo butanoze cyane cyane imishinga y'imihanda, ugasanga umuhanda bayoboye amazi bayagejeje hagati ntibayashoreye ngo bayageze mu kabande.

Ati: "Hari naho twagiye tubona ingero, ejo twabonye raporo ku muhanda Ngoma-Ramiro ko icyo kibazo gihari, umuhanda Huye-Kibeho, hari n'ahandi imihanda yakozwe mu gihe cyashize ugasanga itangiye guteza za ruhurura.

Hari ingamba twafashe dufatanyije na RWB ko umushinga wose mushya, RWB igira uruhare mu kugena ingano y'inzira z'amazi."

Indi ngamba ya kabiri ngo ni ukuyobora za nzira bakazigeza mu kabande, ubu imihanda mishya iri gukorwa yose, barikuyobora amazi bakayageza mu kabande nubwo byongera ikiguzi ariko babonye ko icyo bihombya iyo utabikoze, ikiguzi cyo kubisana kiba kinini kurusha uko wabikorana n'umushinga bwa mbere.



Imiyoboro y'amazi, hirya no hino mu gihugu igenda isanwa, ishaje igasimbuzwa

# Kwita ku burezi bw'abafite ubumuga si impuhwe ni inshingano- Minisitiri Nsengimana

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Uburezi (MINEDUC) Nsengimana Joseph yatangaje ko kwita ku burezi bw'abana bafite ubumuga atari impuhwe ahubwo ari inshingano za buri wese, ashimangira Leta y'u Rwanda yatangiye umushinga wo kubaka amashuri y'icyitegererezo muri buri Ntara agamije kwita kuri abo bana by'umwihariko.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Kane tariki ya 27 Ugushyingo 2025, mu Nama y'Igihugu ya 2 ku burezi budaheza, iteraniye i Kigali, yateguwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), ku bufatanye n'umushinga Learning and Inclusion for Transformation (LIFT) hamwe n'abafatanyabikorwa batandukanye.

Iyi nama yateguwe ku nsanganyamatsiko igira iti: "Guteza imbere sosiyete zidaheza kandi zita ku bafite ubumuga mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza: Gukomeza guteza imbere uburezi bwihariye n'uburezi budaheza mu Rwanda."

Yahurije hamwe abayobozi bafata ibyemezo mu nzego za politiki, abarimu, abashakashatsi, imiryango ya sosiyete sivile, abanyeshuri, ababyeyi n'abayobozi b'Inzego z'ibanze hagamijwe gukomeza kwihutisha iterambere ryimakaza uburezi budaheza,



Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph yavuze ko u Rwanda rwiyemeje guteza imbere uburezi budaheza abafite ubumuga

bubereye bose kandi bufite ireme.

Minisitiri yabwiye abo bayobozi ko kwita ku bafite ubumuga ari inshingano ya buri wese kandi ko ari gahunda Leta ishyize imbere.

Yagize ati: "Kwigisha abana bafite ubumuga si impuhwe ni inshingano, nkuko twigisha abandi bana bose. Abana ni bo Rwanda rw'ejo tutabigishije nta kintu twaba dukoze."

Minisitiri Nsengimana yavuze ko ubu Leta y'u Rwanda yiyemeje kubaka amashuri bitaganyijwe ko mu myaka 4 azaba yamaze kuzura aho azaba yubatswe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Nsengimana ati: "Twamaze gutangiza kubaka amashuri mashya atanu y'icyitegererezo ateganyirijwe abana bafite ubumuga bwihariye butandukanye.

Aya mashuri azaba afite inyubako zorohereza abafite ubumuga, ibigo bitanga serivisi zo gupima no gusesengura, ibyumba byihariye byigishirizwamo, aho abana barara n'izindi serivisi z'ingenzi.

Twari dufite gahunda ko mu myaka itatu cyangwa ine ari bwo aya mashuri azaba yatangiye gukoreshwa."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga (NCPD) Nsayisaba Emmanuel, yashimangiye ko abafite ubumuga bagifite ibibazo bibangamiye uburezi bwabo.

Yagize ati: "Kugira ngo uhe uburezi umwana ufite ubumuga butandukanye ni urugendo. Nubwo twakoze byinshi mu gutuma abana biga, haracyari imbogamizi, ku bana bakeneye uburezi bwihariye, hari abafite ubumuga buremereye usanga kugira ngo babashe kwigana n'abandi bigoranye, ni yo mpamvu hakenewe amashuri yihariye."

Yakomeje avuga ko ibigo bisanzwe byita ku bafite ubumuga ari iby'abikorera kandi bikaka amafaranga y'ishuri menshi ku buryo ababyeyi batabasha kuyigondera bityo Leta ikwiye kwiyubakira ayayo kandi akorohereza ab'amikoro make.

Umwarimu mu ishuri ryita ku bana bafite ubumuga Umubano Academy, i Kanombe mu Karere ka Kicukiro, Bizeyimana Justin yabwiye itangazamakuru ko mu kwigisha abana bafite ubumuga bwihariye bikigorarwa no kubona uburezi bufite ireme.

Ati: "Hari imyumvire y'ababyeyi bagifite bavuga ko abana bafite ubumuga badashoboye aho bavuga ko batabajyana ku ishuri. Hari ibikoresho bidahagije kandi biragorana kubigisha bafite ubumuga."

Umwana witwa Simuruna Bertha ufite ubumuga bwo kutumva, wiga ku kigo cya GS ifs Nyamirambo, yavuze ko bashima Leta ku byo yabafashije mu buzima bwabo no mu burezi ariko avuga ko bakigorwa n'uko abarimu bataramenya ururimi rw'amarenga bose by'umwihariko mu kurukoresha mu rurimi rw'Icyongereza.

Imibare yavuye mu bushakashatsi bw'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga (NCPD) muri Kamena 2025, yagaragaje ko muri rusange abafite ubumuga mu Rwanda basaga 145 362 bangana na 25,8% bafite akazi kubera ko bize.

Ni mu gihe abasaga ibihumbi 317 360 bangana na 56,4% barimo abize n'abatize, nta kazi bafite. Abasaga ibihumbi 99 462 bangana na 17,7%, nta makuru yabo ahagije yamenyekanye.

# Ingo 94% ziracyacana inkwi n'amakara, ikibazo gikomeye ku bidukikije

NYIRANEZA Judith

***Ikibazo cy'ibicanwa ni ikibazo gihangayikishije Guverinoma y'u Rwanda n'abaturage muri rusange, kuko kugeza ubu mu Rwanda ingo 94%zigicana inkwi n'amakara, bikaba biteza ibibazo ku kubungabunga ibidukikije.***

Ibi byatangajwe mu kiganiro Minisitiri w'Ibikorwa Remezo Dr Gasore Jimmy na Minisitiri w'Ibidukikije Dr Arakwiye Bernadette, bagejeje ku Nama Rusange ya Sena kuri uyu wa Gatatu tariki ya 26 Ugushyingo 2025, ubwo bari bahagarariye Minisitiri w'Intebe mu gutanga ibisubizo mu magambo ku ngamba zo korohereza abaturage kubona ibicanwa bitangiza ibidukikije.

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Dr Gasore yagarutse ku miterere y'ibicanwa mu Rwanda, agaragaza ko bikiri ikibazo mu bijyanye no kubungabunga ibidukikije.

Yagize ati: " Ubushakashatsi bw'imibereho y'ingo bwo mu 2024, bwagaragaje ko ingo zikoresha ibicanwa bibungabunga ibidukikije harimo gaze, amashanyarazi na biyogaze zari kuri 1% mu 2017, zazamutse zigera kuri 5,4% mu 2024.

Ingo zikoresha inkwi n'amakara mu Rwanda, ubu ziri kuri 94%, harimo 75% zikoresha inkwi, 18% zikoresha amakara naho 0,6% zikoresha ibisigazwa by'imyaka n'ibindi bikomoka ku bimera."

Yakomeje agaraga uko bihagaze mu mujyi no mu cyaro.

Ati: "Mu mujyi, ingo zikoresha inkwi ziri kuri 34%, naho 51% bacana amakara, mu gihe abakoresha inkwi mu cyaro bagera kuri 93%, byumvikana ko ari ikibazo.

Mu Mujyi wa Kigali 23% bakoresha gaze, 59% bakoresha amakara naho 17% bagakoresha inkwi.

Igiciro cya gaze kizamuka buri munsi, kuko ivanwa hanze kandi bijyana n'ibiciro mpuzamahanga cyane cyane ihindagurika ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli.

Ubwo bushakashatsi byagaragaje kandi ko 34% by'ingo zikoresha amashyiga avuguruye, arondereza ibicanwa, mu gihe 36% by'ingo zikora mu buryo gakondo, ku mashyiga 3.

Gahunda y'Igihugu y'imyaka 5, NST2 iteganya ko ingo zirenga 60% zizaba zikoresha ibicanwa bitangiza ibidukikije ku bufatanye n'abikorera hamwe n'abandi bafatanyabikorwa.

Leta yashyize imbaraga mu gukemura icyo kibazo binyuze mu kuba yarashyizeho nkunganire ku bicanwa bitangiza ibidukikije, kongera ibigega bya gaze, isoko rya karubone, gaze metane ubukagurambaga ku bikorera hagamijwe ko bashora imari mu bicanwa bitangiza ikiere nko gukora za burikete n'ibindi.





# Kumenya aho bisi igeze bigiye kujya bikorerwa kuri telefoni-Uwihanganye


Gutega bisi bigiye kuzajya byihuta

ZIGAMA Theoneste

***Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, Uwihanganye Jean de Dieu yatangaje ko guhera mu cyumweru gitaha ku byapa bitegerwamo busi hatangira gushyirwa ingengabihe igaragaza igihe zihanyurira, nyuma hazashyirweho uburyo bwo kuzitega bakoresheje telefoni.***

Uwo muyobozi yavuze ko uburyo bugamije gufasha abantu kugenda muri busi, kandi bugomba kuba ubwo abantu bose bahitamo kandi bwizewe.

Ni gahunda yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa Gatanu tariki ya 28 Ugushyingo 2025.

Mu kiganiro, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo Uwihanganye yavuze ko umwihariko w'iyi gahunda yo gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange nshya harimo kuba bisi zizajya zigendera ku ngengabihe.

Yagize ati: "Zizajya zihaguruka kandi zigere aho zijya ku buryo bwateganyije kandi zigomba kubahiriza."

Ibyapa byose bya bisi bizaba biriho iyo ngengabihe, yaba iyimanitse, hari n'ibyapa by'ikoranabuhangaho ushobora aho busi igana n'igihe igiye kukugereraho."

Yavuze ko harimo gutegurwa uburyo bwo kureba bisi umuntu yifuza gutega aho igeze akoresheje telefoni.

Ati: "Ubu buryo bwo buzakomeza kubakwa mu gihe cy'ukwezi kumwe ni bwo

Yagize ati: "Ntabwo zemerewe kurenza iminota 10 kuri za gare cyangwa itatu ku byapa, ibyo byose wongeyeho ko n'iyo zigeze ku matara yo ku mihanda (feux rouge) zigomba guhabwa inzira mbere y'izindi modoka, mbese bizatuma bIsi zigendera ku gihe".

Uwihanganye yavuze ko Leta yifuza ko abantu bahitamo kugenda mu modoka za bIsi kurusha kugenda mu zabo bwite, cyangwa ubundi buryo bwo kugenda mu mujyi w Kigali.

Ku ikubitiro ubwo buryo bwatangiriye mu Mujyi wa Kigali, rwagati ahazwi nka Downtown-zikomereza I Remeza zinyuze Sonatube.

Yavuze ko ibiciro byo gutega bisi rusange bizakomeza uko byari biri, kugira ngo abantu babanze bizere ubwo buryo bushya.

URwanda rwiyemeje kugabanya imyuka ihumanya ikirere ku rugero rwa 53% bitarenze mu 2035.



Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR- Inkotanyi, Amb. Gasamagera Wellars afungura umwiherero

# U Burayi: Abanyamuryango ba FPR- Inkota- nyi baganiriye ku bumwe bw'Abanyarwanda

NYIRANEZA Judith

***Abanyamuryango ba FPR – Inkotanyi n'inshuti z'Umuyango batuye ku mugabane w'i Burayi bateraniye mu mwiherero i Paris mu Bufaransa, aho baganira ku gukomeza ubumwe bw'Abanyarwanda n'uruhare rwabo mu iterambere ry'u Rwanda.***

Ni igikorwa cyabaye ku wa Gatandatu tariki ya 29 Ugushyingo 2025.

Yakira Abanyamuryango n'inshuti z'Umuryango baturutse mu bihugu bitandukanye, Amb. Francois Nkulikiyimfura yashimiye Ubunyamabanga bukuru bwateguye uyu mwiherero, ndetse ashimira ubwitabire bw'urubyiruko abaha n'impanuro.

Yagize ati: "Rubyiruko ni mwe Rwanda rw'ejo, ni mwe mufite inshingano zo gusigasira ibyiza byagezweho n'Igihugu cyacu, ahanini dukesha Umuryango wacu FPR- Inkotanyi, kandi mukarushaho kugiteza imbere."

Afungura uyu mwiherero, Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR- Inkotanyi, Amb. Gasamagera Wellars afungura umwiherero, yagejeje ku Banyamuryango ubutumwa bwa Nyakubahwa Paul Kagame, Chairman w'Umuryango FPR - Inkotanyi.

Amb. Gasamagera yashimiye abitabiriye uyu mwiherero uruhare bakomeje kugira mu iterambere ry'Igihugu; abasaba gukomeza kugishakira amaboko mu bihugu batuyemo kandi abizeza ko u Rwanda rubashyigikiye mu bikorwa byabo by'iterambere.

Yagize ati: "Ubumwe buvuga kuba hamwe dufite ikiduhuje, icyerekezo kimwe, duhurije hamwe. Dufite ibiduhuza byinshi birimo isano ku gihugu kimwe, ariko n'indangagaciro zimwe tugenderaho. Dukomeze gusigasira ubwo bumwe."

Mu ntangiriro z'uku kwezi k'Ugushyingo 2025, Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihu, Dr. Jean Damascène Bizimana yatangaje ko igipimo cy'ubumwe bw'Abanyarwanda kigeze ku kigero cya 95,3% mu 2025, nk'uko byavuye mu bushakashatsi ku bumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa bukorwa buri nyuma y'imyaka itanu.

NGABOYABAHIZI Protais

# Musanze: Uburyo abarwanya u Rwanda bakirwa binyura abanyamahanga

***Abahagarariye inyungu za gisirikare mu bihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga bakorera mu Rwanda bagaragaje ko banyuzwe n'uburyo u Rwanda rufasha abavuye mu mitwe yitwaje intwaro ikorera muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), barimo abarwanyi ba FDLR, Nyatura n'indi mitwe, mu rugendo rwo gusubizwa mu buzima busanzwe.***



Abo mu bihugu binyuranye bishimira uburyo Mutobo yakira abari bagamije gutera u Rwanda

Babigaragarije mu ruzinduko rwabereye mu Kigo cya Mutobo giherereye mu Karere ka Musanze, kizwiho gusezerera no gufasha mu gusubiza mu buzima busanzwe abahoze mu mitwe yitwaje intwaro.

Lt. Col. Mpakaniye Emelien, ufite imyaka 51, akaba akomoka mu Karere ka Karongi, umwe mu bahoze muri FDLR wamaze imyaka irenga 20 mu mashyamba ya Congo, yavuze ko we yaje mu Rwanda asa n'uwiyahura ariko ngo ibyo yibwiraga n'ibyo yabwirwaga birahabanye cyane.

Yagize ati: "Nageze i Mutobo ntazi uko bizagenda, ariko nahasanze uburyohe bw'ubuzima n'ubusabane n'abandi. Twigishwa imyuga, tukaruhuka mu mutekano, tukaganirizwa ku buryo twiyubaka, n'amateka yaranze uru Rwanda kugeza Jenoside iba. Si nigeze ntekereza ko igihugu cyanjye cyangirira imbabazi nyuma y'imyaka nari maze mu ishyamba ngamije kuzagitera."

Mbare Amos na we wahoze muri FDLR , wari umaze imyaka imyaka 15 mu mashyamba aharanira kuzatera u Rwanda yavuze ko ingabo z'u Rwanda ziramutse zimubOnye zahita zimwica kuko bajyaga bahabwa amakuru ko utashye bamufata amajwi barangiza bakamwica, ariko ngo si ko yabisanze.

Yagize ati: "Icyo nasanze hano ni umutima wa kimuntu. Twakiranywe impuhwe turi abantu baba mu buzima bwiza kurenza uko twari tubayeho, duhabwa ubuvuzi, twiga imyuga idufasha gutangira ubuzima bushya. Abashinzwe Mutobo batwitaho, batwereka ko dufite agaciro nk'abandi Banyarwanda."

Umwe mu basirikare uhagarariye igihugu cye mu Rwanda Lt. Col. Jessica BOROWICZ, wo muri Leta zunze ubumwe za Amerika yavuze ko uburyo u Rwanda rwakira abavuye mu mashyamba ari igisubizo gikomeye ku kurwanya ibikorwa by'ubugizi bwa nabi muri Afurika y'Iburasirazuba no muri Afurika yose muri rusange, ndetse na gahunda nziza y'ubumwe n'ubwiyunge u Rwanda rwiyemeje.

Yagize ati: "Twasanze u Rwanda rwarakoze ibintu ku rwego rwo hejuru kandi bishimishije. Uburyo bakira abaje bava mu mashyamba, uko babitaho, uko babigisha n'uko babafasha gutangira ubuzima bushya ni icyitegererezo mu Karere. Iki kigo kiri gutanga umusanzu ukomeye mu kugarura amahoro arambye."

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare (RDRC), Valérie Nyirahabineza, yavuze ko kuba abahagarariye ingabo n'imiryango mpuzamahanga baza ari uburyo bwiza bwo kwirebera aho ibikorwa byo gusubiza abarwanyi mu buzima busanzwe bigeze, kandi bikabafasha kubwira amahanga ishusho nyayo y'u Rwanda.

Yagize ati : "Twifuza ko inshuti z'u Rwanda, imiryango mpuzamahanga n'abahagarariye ingabo mu bihugu bahagarariye hano babona n'amaso yabo ibyo dukora. Mutobo ni ahantu h'ingenzi mu kugarura amahoro, mu gufasha abahoze mu ngabo kwiyubaka, no mu kubarinda kongera kujya mu mitwe yitwaje intwaro. Ni urugendo rwo kububakira ejo hazaza heza, ibi ni ibigaragaza ko u Rwanda ibyo ruvuga ari ukuri."

Yongeyeho ko uru ruzinduko rubafasha gusobanukirwa uruhare rw'u Rwanda mu guhashya ibikorwa by'imitwe yitwaje intwaro, no gutanga urugero mu kugarura amahoro arambye mu Karere.

Uru ruzinduko rwanijeje abashyitsi ko uburyo u Rwanda rukorana ubushishozi n'ubumuntu mu kwakira no gusubiza mu buzima busanzwe abavuye mu ngabo ari intwaro ikomeye mu kubaka umutekano n'amahoro arambye mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba na Afurika muri rusange.



Lt. Col Emilien avuga ko yaje mu Rwanda asa n'uwiyahura





# Musanze: Bahangayikishijwe n'ikiraro gihuza Imirenge ya Rwaza na Muhoza cyangiritse

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bakoresha ikiraro cyo ku mugezi wa Mukungwa gihuza Imirenge ya Rwaza na Muhoza mu Karere ka Musanze, bavuga ko batewe impungenge n'uko kirimo kugenda cyangirika ku kigero giteye ubwoba, kuko hari abamaze kugikomerekeramo ariko kikaba kidakorwa.***



Iki kiraro giteye impungenege abagikoresha kuko hari aho cyacitse

Iki kiraro cyubakishije ibyuma bimaze imyaka isaga 30, abaturage bavuga ko kimaze gutakaza ubukomere bwacyo kubera ko ubutimba bikigize bushaje bumaze gupfumuka naho ibyuma bikaba bigenda bifatwa n'ingese, bigatuma kugicaho hari aho bisaba ubwirinzi bukabije.

Nyirandikubwimana Florida, utuye mu kagari ka Mburabuturo,Umurenge wa Muko avuga ko buri munsi aca kuri icyo kiraro afite impungenge z'uko ashobora kugwamo.

Yagize ati: "Ugera hagati wumva ubutimba buranyerera cyane, hari ahandi wumva butoboka hasi. Iyo imvura iguye ntabwo n'umwana wanjye mukuru nemera ko akinyuraho.

Bisa n'ukugenda hejuru y'icyuma cyenda gucika kandi koko batarebye neza cyazacika tukagwamo,"

Habimana Charles, ukoresha iki kiraro ajya mu mirimo ye ya buri munsi harimo n'iyo guhinga, avuga ko hari abantu bamaze kuhakomereka.

Yagize ati: "Hari umuturanyi wanjye waguye mu mwobo wacitse ku kiraro, ahakomereka akaguru. Twaramufashije turamukurura.

Ubu iyo ugeze hagati humvikana urusaku rw'icyuma cyangiritse, bigatuma twumva ko umunsi umwe bishobora kuzahirima, tukarigitana mu mazi na cyo".

Nubwo iki kiraro gikenerwa na benshi mu gutambutsa imyaka n'izindi ngendo za buri munsi, abana bajya ku ishuri n'abaturage bajya ku isoko rya Kinkware, bavuga ko kuri ubu kugicaho ari ibintu biba biteye impugenge.

Mukandayisenga Claire, umubyeyi ufite abana biga mu Murenge wa Rwaza, avuga ko igihe cy'imvura kibabera ikibazo gikabije, cyane ko abanyeshuri bacyambuka kandi ari abana.

Yagize ati:"Kubera gusaza ku iki ikiraro iyo twohereje abana ku ishuri tuba dufite impungenge ko yagwamo cyane mu bihe by'imvura duhorana ubwoba kuko hari aho iki kiraro nawe ugeraho ukumva kirimo kunyegaganyega.

Twifuza ko ubuyobozi bwakivugururа, cyangwa bukadufasha kikubakwa mu buryo burambye".

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Uwanyirigira Clarisse, avuga ko ikibazo cy'iki kiraro kiri mu byo ubuyobozi buri kugenzura mu mushinga mugari wo kuvugurura ibiraro bishaje no kubaka ibishya.

Yagize ati: "Turabizi ko hari ibiraro byinshi bisaba kuvugururwa. Hari gahunda iri gukorwa yo kubaka ibiraro bishaje hirya no hino mu karere, yaba no kongera ibindi bishya. Ngomba kureba neza ko iki kiri ahitwa Mburabuturo kiri ku rutonde rw'ibiraro byihutirwa."

Yongeyeho ko ubuyobozi bugiye gukora isuzuma ryihariye kuri iki kiraro kugira ngo harebwe igisubizo kirambye, hagamijwe gukumira impanuka zishobora kuhavukira.

# Nyagatare: Abaturage bashima ko iterambere bagezwaho ntawe riheza



Murebwayire Mathilde ucururiza mu isoko rya Nyagatare

HITIMANA Servand

***Bamwe mu baturage batuye mu Karere ka Nyagatare bagaragaza ko ibikorwa bagezwaho by'iterambere bitagira uwo bisiga inyuma by'umwihariko umujyi wa Nyagatare, uri mu yunganira Umujyi wa Kigali.***

Babigarutseho nyuma yuko Abadepite mu Nteko Ishinga Amatego basuye abaturage mu Karere ka Nyagatare, ku wa Mbere tariki ya 24 Ugushyingo 2025.

Mu ngeri zitandukanye, bahamya ko kwegerezwa ibikorwa remezo, byahinduye ishusho y'umujyi n'imikorere irushaho kuba myiza.

Murebwayire Mathilde ukorera mu isoko rya kijyambere rya Nyagatare na we yagize ati: "Abatuye inaha kera twaremeraga isoko hanze. Byari ikibazo kubona isoko ryo mu mujyi nk'uyu abantu barwana no kwanura ibicuruzwa imvura iguye cyangwa ibicuruzwa byuzuye ho ivumbi. Uyu munsi turashima ko byabaye amateka abantu baremera isoko ahubatse. Ni ibisubizo, twishimira uko umujyi wacu uri gutera imbere."

Nkurikiyinka Isidore uturanye na sitade ya Nyagatare yagize ati: "Aho iyi sitade yubakiwe hano twungutse byinshi birimo ko urujya n'uruza rwiyongereye ubucuruzi bwacu bukatwinjiriza cyane. Ikindi mu buryo bwo kwidagadura tubona imikino itandukanye n'abana bacu babona aho bagaragariza impano zabo."

Abadepite basabye ubuyobozikwihutisha iterambere ry'imijyi n'imiturire iboneye ntawusigara inyuma, ubwo bagaragarizwaga ibizitabwaho mu minsi ine bagiye kumara muri ako Karere.

Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma Uwineza Beline yagize ati: "Kuri iyi nshuro dusura abaturage turibanda ku nkingi y'ubukungu. Tuzareba iterambere ry'imijyi cyane nka Nyagatare uri mu mijyi yunganira Kigali, tunareba uko igishushanyombonera gishyirwa mu bikorwa hagendewe ku cyerekezo cy'Igihugu 2050."

Yongeyeho ati: "Ikindi rero ubuyobozi bwifuza ko iyi gahunda yo guteza imbere imijyi n'imiturire byakorwa nta muturage bisize inyuma. Birashoboka hari uwaba yari ahari kwagukira umujyi adashoboye kugendana nawo ariko ibisabwa ni ugutunganya andi masite yo guturamo mu buryo bwujuje ibisabwa mu miturire."

Nyuma yo kungurana ibitekerezo n'ubuyobozi, Abadepite basuye ibikorwa remezo bitandukanye abaturage babagaragariza ko bishimira iterambere bamaze kugezwaho.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen, yavuze ko bakiriye neza ukuza kw'abahagarariye abaturage mu Nteko Ishinga Amategeko.

Kuri uyu wa Kabiri, ibikorwa by'Abadepite byakomereje mu Mirenge itandukanye aho bazajya baganira n'abaturage ku iterambere, imiturire ndetse bakagezwaho ibibazo by'abaturage bikeneye ubuvugizi.

# Rusizi: Kaburimbo y'umuhanda Bugarama-CIMERWA yatumye bahumeka iterambere

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abaturage b'Umurenge wa Muganza mu Karere ka Rusizi bavuga ko imyaka 10 bamaranye umuhanda wa kaburimbo Bugarama-CIMERWA imibereho n'imitekerereze yabo yahindutse bigaragara, aho bashoboye kwiteza imbere babikesheje uwo muhanda.***



Abaturage bavuga ko ushaka kugira aho ajya atagira ikibazo mu gihe mbere nta modoka nimwe itwara abagenzi yahageraga

Bavuga ko mbere y'uko uwo muhanda wubakwa, imitekerereze yabo mu by'iterambere yari hasi cyane. Isantere y'ubucuruzi ya Muganza yari igizwe n'inzu nto zibarirwa ku ntoki, umwanda ari wose, nta munyemari uhatekereza.

Kubera umuhanda mubi nta bwikorezi bw'ibinyabiziga bwahabaga, kwari ukwikorera ku mutwe ibyo bejeje n'ibindi.

Nta modoka itwara abagenzi yawunyuragamo, nta gare,moto zari nke cyane na bwo abamotari birirwa barira ko zangirika.

Byose byatumaga ntawe utekereza ikindi kitari ubuhinzi bw'umuceri butari gukwira bose, kuko nta kindi abaturage bari gukora cyabateza imbere,nta n'uwari gushyira akantu ku muhanda ngo kagurwe, nta n'isoko ry'imboga n'imbuto rizima bagiraga. Kwari ukuzirambika hasi mu ivumbi n'icyondo.

Niringiyimana Laurence, utuye mu Mudugudu wa Sanganiro, Akagali ka Gakoni, avuga ko aho kaburimbo ihagereye bagize imitekerereze igana mu iterambere.

Ati: "Iyi santere y'ubucuruzi isukuye itya, irimo inyubako nyinshi z'ubucuruzi mbere zabarirwaga ku ntoki, ari umwanda gusa gusa. Ubu irakomeye cyane irabarwa nk'umujyi wunganira uw'Akarere ka Rusizi."

Arakomeza ati: "Murabona ko n'inzu zo guturamo zihanitse, aho umuntu yubaka inzu ihera kuri miliyoni 20 kuzamura, mu gihe mbere wabonaga higanje utuzu tw'utururi, hari imyumvire ko uwubatse inzu nziza bamuroga. Iyo mitekerereze yarahindutse cyane."

Iyakaremye Odette w'imyaka 48 y'amavuko, umaze imyaka 12 acururiza imboga mu isoko ry'aha ku Muganza avuga ko indi mitekerereze yahindutse cyane ari ijyanye n'isuku.

Ati: "Nta wari gutekereza gucuruza ibisukuye kuko bitari gushoboka kubera ivumbi n'icyondo twahoragamo, n'abazaga mu isoko ubwabo babaga basa nabi cyane.

Ubu buri wese azi ko agomba kurema isoko asukuye, agahabwa ibisukuye, byujuje ubuziranenge. Turabikesha Perezida wacu Paul Kagame wawuduhaye."

Gisubizo Confiance w'imyaka 27, ukora akazi k'ubunyonzi, avuga ko mbere yawo urubyiruko rwasaga n'urwihebye kuko nta faranga rwakozagaho intoki.

Ati: "Tukiwubona naguze igare ndakora ndikuramo irindi vuba cyane. Buri rimwe riri mu gaciro k'amafaranga 100.000. Rimwe ndarikoresha nkabona hagati y'amafaranga 3000 na 4000 buri munsi, irindi ndarikodesha bakampa amafaranga 1000 buri munsi."

Yongeraho ati: "Maze kubona ifaranga riza nashatse umugore ubu tubyaranye abana 2 tubayeho neza bitewe n'uko imikorere ihari. Mfite inzu yanjye impesheje agaciro, mfite ubworozi bw'inkoko n'ingurube bufatika, n'ibindi byinshi ngenda nigezaho.

Nkomeje kwagura imitekerereze byose mbikesha kaburimbo, intore izirusha intambwe yaduhaye."

Habimana Emile ucuruza amangazini muri santere y'ubucuruzi ya Muganza, yabwiye Imvaho ati: "Impinduka uyu muhanda wazanye,haba mu kongera imirimo cyane cyane mu rubyiruko. Ubucuruzi bwo hafi yawo butabagaho, ubwikorezi bwari ikibazo ubu ibinyabiziga bikaba ari urujya n'uruza, isuku yageze ku rwego rugaragarira buri wese n'ibindi, dushimira cyane umukuru w'igihugu."

Avuga ko bagitegereje ko ushyirwaho amatara yo ku muhanda ngo bongere amasaha y'akazi, iterambere rirusheho kwiyongera.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Muganza, Niringiyimana Patrick avuga ko umuhanda wahinduye byinshi.

Ati: " Bafite ishingiro gushimira byimazeyo Umukuru w'Igihugu kuko urebye ubwigunge barimo mbere yo kuwubona, n'abashoferi bajyaga gutwara sima kuri CIMERWA batera ivumbi n'icyondo abaturage, uyu munsi isuku ikaba ari yose, inyubako z'ubucuruzi zaravuguruwe, n'ibindi byose byahindutse aho uyu muhanda uhagereye."

Abasaba kuwufata neza, bagakomeza kuwubyaza umusaruro mwinshi, imitekerereze ikarushaho kwaguka n'ababakomokaho ukazakomeza kubabera isoko y'iterambere rirambye.

# Nyagatare: Ababyeyi barashima ko haciwe amacumbi yashoraga abana mu ngeso mbi

**HITIMANA Servand**

***Abarerera mu ikigo cya GS Nyagatare giherereye mu Murenge wa Nyagatare, mu Karere ka Nyagatare bashima ko cyahisemo guca burundu kwiga mu burezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12 abanyeshuri bicumbikiye, nyuma yo kubona ko kwicumbikira byateraga akajagari n'uburara mu bana.***

Ababyeyi bavuga ko ubwo hatangizwaga uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12 kuri iryo shuri, hari bamwe mu bana bahitagamo gukodesha inzu zo kubamo mu mujyi wa Nyagatare bavuga ko bataha kure bikabavuna.

Ibyo ariko ngo byaje guteza ibibazo aho abicumbikira batari bagifite gikurikirana bikurura uburara kuri bamwe.

Innocent Mukundwa yagize ati: "Umubyeyi ntiyamenyaga ibyo umwana arimo muri utwo tuzu bakodeshaga. Ishuri naryo kuko nta gahunda yo gucumbikira abanyeshuri ryari ryemerewe, tukumva ko abana basohotse ikigo ubwo batashye."

Akomeza avuga ko aho ubuyobozi bufatiye ingamba zo guca ayo macumbi byabaye byiza cyane.

Agira ati: "Urebye imyitwarire iri kuri iryo shuri ubona itandukaniro rinini. Ubu umunyeshuri wese asubira mu muryango ku mugoroba, yaba akoresheje igare cyangwa imodoka zitwara abagenzi, kugira ngo arusheho kurindwa ingaruka mbi zituruka ku kuba kure y'umuryango. Nta nupfa kwibuka ko biriya bibazo byahigeze."

Nyirihirwe Claudine, umuturage wo mu mudugudu wa Nyagatare II, ufite abana biga muri iki kigo, ashimangira uruhare runini rw'umuryango mu myigire y'umwana.

Ati "Iyo umwana ataha mu rugo, umubyeyi aramuganiriza, akamenya ikibazo afite kandi akamufasha mu myigire no mu mibereho ya buri munsi. Mbere abana bari muri 'geto' bariyoboraga, nta muntu ubahwitura. Nta ruhare rw'ababyeyi rwabaga rurimo, ari byo byabakururiraga mu ngeso mbi."

Muvara Benison, uhagarariye ababyeyi barera muri GS Nyagatare, avuga ko iyi gahunda yashyize ikigo ku rwego rwo hejuru mu mitsindire.

KOMEZA KU RUP.17







Kuva aho abanyeshuri basigaye biga bataha, nta bikibarangaza, batsinda neza amasomo

# Nyagatare: Ababyeyi barashima ko haciwe amacumbi yashoraga abana mu ngeso mbi

IBIKURIKIRA URUP.16

Yagize ati "Uyu munsi ikigo cya GS Nyagatare kiri mu bigo bya mbere bitsindisha neza. Dufite abana hafi ibihumbi bitatu kandi buri mwaka umubare w'abana uza kwiga uriyongera kubera umusaruro mwiza w'ikigo.

Twaciye burundu gahunda y'abana biga bicumbikiye. Ubu nta munyeshuri urara muri geto."

Akomeza agira ati: "Nyuma yo kuganira n'ababyeyi abana baturuka kure bagiye bagurirwa amagare bazaho ku ishuri kubera guturuka kure nka Kabare, Nshuri, Rutaraka, Mirama na Cyonnyo."

Umuyobozi wa GS Nyagatare, Murambya Félix, na we yemeza ko guca 'geto' byahinduye byinshi.

Ati: "Umwana uri mu businzi cyangwa imyitwarire idahwitse ntashobora kubonekamo umusaruro. Ariko kuva aho abana batangiriye gutaha mu miryango, imyitwarire yabo yarushijeho kuba myiza, bityo n'imitsindire irazamuka."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Murekatete Juliet, yabwiye Imvaho Nshya ko amashuri yigisha abana bataha mu ngo bifasha ababyeyi kubakurikirana mu myigire ndetse n'imyitwarire ikwiye.

Ati: "Bifasha abana kwiga neza nta bibarangaza kuko iyo bicumbikira bahura n'ibibayobya bakunze kwita ibigare, abafite ingeso mbi bakazanduza abandi, bikabaviramo uburara no gusiba uko bishakiye bakaba batsindwa.

Mu rugo,bafashijwe n'ababyeyi basubiramo amasomo, bakanagira uburere bigira ku babyeyi, byaba ngombwa bakanakora imirimo yoroheje mu ngo, bibahindura ababyeyi beza b'ejo hazaza."

Mu 2014, hafashwe abagabo barindwi hakatirwa 2, hafunzwe abana 3 mu bagaragaweho imyitwarire mibi, muri bo hakatirwa umwe, ariko yaje koroherezwaro, arekurwa n'ubutabera kuko byagaragaraga ko nk'umwana yashukwaga n'abantu bakuru.

# Nyamasheke: Imvura yasimbutse Umurenge wa Nyabitekeri yabateje igihombo

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abaturage b'Umurenge wa Nyabitekeri mu Karere ka Nyamasheke baratakа ibihombo batewe n'izuba rikabije ryabateye mu gihe batari biteze, imyaka yabo ikaba yarumagaye.***

Bamwe muri abo baturage batangiye kurandura iyo myaka bakayigaburira amatungo itarapfa ubusa, kubera ko nta cyizere cy'uko imvura ishobora kuyihembura kabone nk'ubwo yagwa ubu.

Bavuga ko babuze imvura mu gihe imirenge begeranye ho igwa, ariko bo ibishyimbo, ibigori, ibijumba, soya, ubunyobwa, amateke, inyanya n'indi myaka yose bahinze nta na kimwe bazasarura, bikabatera impungenge z'inzara.

Abavuganye na Imvaho Nshya, bagaragaje ko ubwo bateraga iyo myaka irimo kumagara imvura yaragwaga ariko batamgira kuyibura mu mpera z'ukwezi k'Ukwakira.

Ibyo byatumye ibishyimbo, bigori, ubunyobwa, soya, ibijumba, ibirayi, n'indi myaka yuma, bakavuga ko nubwo imvura yagwa ubu ntacyo yaramira.

Mugabekazi Laurence warandurirага ibigori amatungo, ibishyimbo bye bikaraba ari ururabo, yagize ati: "Abahinze ibishyimbo mbere byumagaye bitangiye kuba uduteja duhita duhuhwa, ibindi nk'ibi byanjye ubona byuma ari ururabo. Ururabo hafi ya rwose rwarahungutse n'ubwo imvura yagwa ntacyo yaramira kuko ururabo rwahungutse rutongera kumera."

Yarakomeje ati: "Ibigori byumye bitangiye kuzamuka. Ntibishobora kuharenga nubwo imvura yagwa byararangiye. Ni yo mpamvu nk'ibyanjye usanze mbirandurira amatungo."



Abaturage bahangayikishijwe n'izuba ryumishije imyaka, bakaba nta kintu bazatoragura mu mirima

Ntakirutimana Déo ufite abana 6, avuga ko ahangayikishijwe n'ikizabatunga, yagize ati: "Ibishyimbo nari nizeye nk'imifuka 2, ibigori nizeye nibura imifuka 3, n'indi myaka yose nahinze nizeye umusaruro uzantungira umuryango none izuba rirabyishe byose. Iki gihe twabaga turya umushogoro ariko ntawo twabonye. Ukwezi kwa 12 twari kuzaba turya imitonore y'ibishyimbo, mu kwa Mbere dusarura ariko nta cyizere."

Sibomana Athanase Imvaho Nshya yasanze yahirira inka imigozi y'ibijumba yumagaye, na we ati: "Twatabiye ibijumba muri Gicurasi, ubu twagombye kuba tubisarura. Imigozi yarashiririye, yabaye umuhondo kubera izuba ryacanye muri uyu murenge. Nari niteze nibura imifuka 5 y'ibijumba muri uyu murima kuko ari yo nsanzwe mpeza none nta n'ikilo nzasarura nubwo imvura yagwa uyu munsi."

Uwimana Florence wajyaga weza inyanya agurisha amafaranga y'u Rwanda arenga 300.000 agatunga abana be 5, na we ati: "Ni zo zantungiraga abana ariko dore zarumagaye. Nashyizemo ifumbire n'imiti bimpenze. Hano nta bwishingizi bw'ibihingwa tugira ngo turabugana. Twifashe mapfubyi, dukeneye izindi mbaraga na ho ubundi twamaze gutangira kwiheba."

Mukamuganga Séraphine wahinze soya, ibigori n'ibishyimbo na Nzabonimpa Fidèle uvuga ko yahinze ibigori akuye muri Tubura, bavuga ko n'ifumbire ari ho bayikuye, bagomba kwishyura, bakibaza icyo bazishyura mu gihe batazasarura.

Mukamuganga ati: "Sinsinzira kubera impungenge z'ikizantungira abana 4. Abafite abana bari mu mashuri abacumbikira baribaza icyo bazabagaburira nibataha, abafite abiga bataha ntibabona amafaranga yo kurya ku ishuri kuko n'uwakabonye akazi mu murima w'undi ntibishoboka."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyabitekeri, Harelimana Naphtal, avuga ko ari ikibazo giterwa n'imihindagurikire y'ibihe kibahangayikishije cyane.

Ati: "Ni ikibazo tuzi, kiduhangayikishije cyane nk'ubuyobozi. kiri mu murenge wose. Mu yindi Mirenge irahagwa twe ntihagere. Izuba ryaracanye bigaragarira buri wese, imyaka yarumagaye, nta cyizere cyo gusarura nk'uko bigaragara. Icyo tugiye gukora ni ukukimenyekanisha mu zindi nzego kuko bigaragara ko abaturage batazasarura."

Avuga ko bibahaye isomo ryo gutekereza uburyo bwo kuhira imyaka hakoreshejwe imigezi mike ihaboneka n'ikiyaga cya Kivu, hakaba ariko impungenge ku batabituriye, bazakomeza guhura n'iki kibazo igihe cyabagezeho.

Ati: "Kuhira imyaka no kuyifatira ubwishingizi byari hasi cyane kuko amapfa nk'aya atakundaga kutugeraho, ariko uku kuma kw'imyaka kuratwigisha ubukangurambaga ngo bamenye ko n'ibyo bindi bikenewe."

Umurenge wa Nyabitekeri utuwe n'abaturega barenga 36.000 batunzwe hafi ya bose n'ubuhinzi n'ubworozi.

## ITANGAZO RYO GUHINDURA IZINA

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

### INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA

Turamenyesha ko uwitwa NIYOMUGABO Innocent mwene Nturanya na Nyirakaboneye, utuye mu Mudugudu wa Rukeri, Akagari ka Bihungwe, Umurenge wa Mudende, Akarere ka Rubavu, mu Ntara y'Iburengerazuba wanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ariyo NIYOMUGABO Innocent, akitwa NIYOMUGABO Claude mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni Niyo mazina nakoresheje mu ishuli kuva ngitangira kwiga.

Byemejwe na
HABIMANA Dominique
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Bikorewe i Kigali,
ku wa **12/10/2025**

**Sikana iyo code mu kugenzura iyi nyandiko**
CYANGWA
**Ugenzure ku irembo**
ukoresheje nomero ya dosiye
**B250929121204UALJ**

## ITANGAZO

HUISSIER PROFESSIONNEL DE JUSTICE
Me Kamali Jean Paul

**INYANDIKO MVUGO IMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA**

Umwaka wa 2025, ukwezi kwa 11, umunsi wa 28

Twebwe **Me KAMALI Jean Paul,** umuhesha w'inkiko w'umwuga, ukorera mu karere ka Gasabo,

Tubisabwe na KAYIGIRE Vincent

Nshingiye ku rubanza rubanza RC 01681/2024/TC rwaciwe n'urukiko rw'ubucuruzi kuwa 17/10/2025,

Nshingiye ku Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi. Mu ngingo yaryo ya 148,

Menyesheje DOVA BUSINESS COMPANY imikirize y'urubanza RC 01681/2024/TC rwaciwe n'urukiko rw'ubucuruzi kuwa 17/10/2025, warezerwemo na KAYIGIRE Vincent,

**NB :** Imikirize y'urubanza twavuze haruguru murayisanga muri kopi yarwo iri ku mugereka wiyi nyandiko.

**Me KAMALI Jean Paul**
**Umuhesha w'inkiko w'umwuga**

**Umunyeshejwe :**

**DOVA BUSINESS COMPANY**

HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONEL — Me KAMALI Jean Paul — Tel: 0788771523 — UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA

Me KAMALI Jean Paul, TEL :+250788771523 , Kiagali ,Rwanda, Gasabo District, Remera Sector email : kjpaul62@gmail.com; kjpaul006@yahoo.fr
Page 3

## ITANGAZO

HUISSIER PROFESSIONNEL DE JUSTICE
Me Kamali Jean Paul

**INYANDIKO MVUGO IMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA**

Umwaka wa 2025, ukwezi kwa 11, umunsi wa 28

Twebwe Me KAMALI Jean Paul, umuhesha w'inkiko w'umwuga, ukorera mu karere ka Gasabo,

Tubisabwe na MUTONI Faith,

Nshingiye ku rubanza rubanza RC 01680/2024/TC rwaciwe n'urukiko rw'ubucuruzi kuwa 17/10/2025,

Nshingiye ku Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi. Mu ngingo yaryo ya 148,

Menyesheje DOVA BUSINESS COMPANY imikirize y'urubanza RC 01680/2024/TC rwaciwe n'urukiko rw'ubucuruzi kuwa 17/10/2025, warezerwemo na MUTONI Faith,

**NB :** Imikirize y'urubanza twavuze haruguru murayisanga muri kopi yarwo iri ku mugereka wiyi nyandiko.

**Me KAMALI Jean Paul**
**Umuhesha w'inkiko w'umwuga**

**Umunyeshejwe :**

- **DOVA BUSINESS COMPANY**

HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONEL — Me KAMALI Jean Paul — Tel: 0788771523 — UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA

Me KAMALI Jean Paul, TEL :+250788771523 , Kiagali ,Rwanda, Gasabo District, Remera Sector email : kjpaul62@gmail.com; kjpaul006@yahoo.fr
Page 2

## ITANGAZO

HUISSIER PROFESSIONNEL DE JUSTICE
Me Kamali Jean Paul

**INYANDIKO MVUGO IMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA**

Umwaka wa 2025, ukwezi kwa 11, umunsi wa 28

Twebwe **Me KAMALI Jean Paul,** umuhesha w'inkiko w'umwuga, ukorera mu karere ka Gasabo,

Tubisabwe na RWANGIRAHE Antoine ,

Nshingiye ku rubanza rubanza RC 01679/2024/TC rwaciwe n'urukiko rw'ubucuruzi kuwa 17/10/2025,

Nshingiye ku Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi. Mu ngingo yaryo ya 148,

Menyesheje DOVA BUSINESS COMPANY imikirize y'urubanza RC 01679/2024/TC rwaciwe n'urukiko rw'ubucuruzi kuwa 17/10/2025, warezerwemo na RWANGIRAHE Antoine ,

**NB :** Imikirize y'urubanza twavuze haruguru murayisanga muri kopi yarwo iri ku mugereka wiyi nyandiko.

**Me KAMALI Jean Paul**
**Umuhesha w'inkiko w'umwuga**

**Umunyeshejwe :**

- **DOVA BUSINESS COMPANY**

HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONEL — Me KAMALI Jean Paul — Tel: 0788771523 — UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA

Me KAMALI Jean Paul, TEL :+250788771523 , Kiagali ,Rwanda, Gasabo District, Remera Sector email : kjpaul62@gmail.com; kjpaul006@yahoo.fr
Page 1





## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

KUGIRANGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE NUMERO: **025-207204 NO 00860/2025/RCV/ORG** CYO KUWA **02/10/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA WA BANKI;

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE **M[E] KARARA EMMANUEL** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA KU NSHURO YA Kabiri UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU YO GUTURAMO IRI MUKIBANZA GIFITE **UPI: 1/02/09/03/1253** GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA **URUGWIRO**, AKAGARI KA NYAGATOVU , UMURENGE WA **KIMIRONKO,** AKARERE KA **GASABO**, INTARA UMUJYI WA KIGALI**,** KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI ;

**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA:**

| CYAMUNARA | UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO, IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO 2 | IZATANGIRA 24/11/2025 saa munani zamanywa kugeza tariki ya 01/12/2025 saa munani zamanywa | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO YA 3ARINAYO YA NYUMA | IZATANGIRA 03/12/2025 saa munani kugeza tariki ya 10/12/2025 saa munani zamanywa | SAA MUNANI 14H00 |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **$M^2$ 248** (sqm). UKABA UFITE AGACIRO KANGANA NA **(69,832,358 frw).INGWATE Y'IPIGANYWA INGANA NA 5% N'UKUVUGA 3,491,617,9 frw** YISHYURWA KURI KONTI YA MIMIJUSTIN
CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA, ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE K'URUBUGA: WWW.CYAMUNARA.GOV.RW.

GUSURA UMUTUNGO BIZAJYA BIKORWA MU MINSI NO MU MASAHA Y'AKAZI.

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA: **0788830615**
- IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA RIBONEKA K'URUBUGA : WWW.CYAMUNARA.GOV.RW

N.B: UZABA YATSINDIYE KWEGUKANA UYU MUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI N°: konti **N° 7081177** yanditse mumazina ya Me **KARARA Emmauel** iri muri **CSS**

BIKOREWE I KIGALI KUWA **23/11/2025**

**Me KARARA Emmanuel**
**Ushinzwe kugurisha ingwate**

Me KARARA Emmanuel — Tel:0788830615 — USHINZWE GUCUNGA INGWATE

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'UMUTUNGO UTIMUKANWA**

KUGIRANGO HASHYIRWE MUBIKORWA ICYEMEZO NUMERO: **00282/2024/TGI/NGOMA** CYO KURANGIZA URUBANZA **RPA0042 /2023/TGI/NGOMA RWO KUWA 27/07/2023 UBUSHINJACYAHA** BWATSINZEMO **INGABIRE ALPHONSINE NA MUKAKABERA CHRISTINE** HAGAMIJWE KWISHYURA IHAZABU NO GUSUBIZA **URWEGO FINANCE** AMAFARANGA BATEGETSWE;

UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA **Me NOE KAMI** ARAMENYESHA ABANTU BOSE BABYIFUZA KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA KU NSHURO YA MBERE UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BUNINI BWO GUHINGAMO BWABARUWE KURI **UPI: 5/06/05/01/2303** BWA **MUKAKABERA CHRISTINE NA GAHAMANYI THEONESTE** BUHEREREYE MU MUDUGUDU WA **KIRUHURA**; AKAGARI KA **CYASEMAKAMBA**; UMURENGE WA **KIBUNGO**; AKARERE KA **NGOMA**; **INTARA Y'IBURASIRAZUBA** KUGIRANGO HISHYURWE **IHAZABU** NO GUSUBIZA **URWEGO FINANCE** AMAFARANGA BATEGETSWE;

**BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA MUBURYO BUKURIKIRA**

| CYAMUNARA | UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO, IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | IZATANGIRA KUWA 04/12/2025 IRANGIRE KUWA 11/12/2025 | SAA TANU Z'AMANYWA (11H00) |
| INSHURO YA 2 | IZATANGIRA KUWA 13/12/2025 IRANGIRE KUWA 20/12/2025 | SAA TANU Z'AMANYWA (11H00) |
| INSHURO YA 3 ARINAYO YA NYUMA | IZATANGIRA KUWA 22/12/2025 IRANGIRE KUWA 29/12/2025 | SAA TANU Z'AMANYWA (11H00) |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **$1481M^2$**, UKABA UFITE AGACIRO KARI KW'ISOKO KANGANA NA **(1,500,000 FRW).**

CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA, ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE K'URUBUGA :WWW.IECMS.GOV.RW

GUSURA UMUTUNGO BIKORWA IMINSI YOSE GUHERA KW'ITALIKI **27/11/2025** KUVA SAA MBIRI ZA MUGITONDO **(08H00)** KUGEZA SAA KUMI NIMWE ZA NIMUGOROBA **(17H00).**

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA: **0788889315**
- IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA BUBONEKA K'URUBUGA : WWW.IECMS.GOV.RW

**ICYITONDERWA:**

- UZATSINDIRA KWEGUKANA UYU MUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI: **1114827373213** YA **KAMI NOE** IFUNGUYE MURI **URWEGO FINANCE**.
- **MUKAKABERA CHRISTINE NA GAHAMANYI THEONESTE** MURASABWA KUMENYESHA IMYIRONDORO YANYU YUZUYE MUKORESHA MURI IECMS KUGIRANGO MBAHUZE N'UBURYO BW'IKORANABUHANGA BUKORESHWA MUKURANGIZA IMANZA KUGIRANGO MUBASHE GUKURIKIRANA UKO CYAMUNARA IKORWA.

BIKOREWE I KIGALI KUWA **26/11/2025**

UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA

**Me KAMI NOE**

UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA — Maître KAMI Noë — Tel: 0788889315 — HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONNEL — PROFESSIONAL COURT BAILIFF

# Musanze: Abazwi nka ba 'Gikweto' bateza umutekano muke mu muhanda

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Mu mujyi wa Musanze hakomeje kugaragara abanyonzi bahimbye izina rya Gikweto, kubera uburyo bakunze kurangwa no kwambara urukweto rumwe rwa rugabire bifashisha mu gufata feri y'igare, cyane cyane iyo batwaye imizigo iremereye.Iyi myitwarire imaze kugaragara nk'ihungabanya umutekano wo mu muhanda.***



**Abatwara imizigo ku magare bambara rugabire bituma babita ba 'Gikweto'**

Abo banyonzi bakunze guheka imizigo minini kandi iremereye, irimo imifuka y'ibiribwa, ibikoresho by'ubwubatsi, ibishyimbo, ibisheke ibirayi ndetse n'amasanduku, maze aho gukoresha feri y'igare yagenewe kubafasha guhagarara mu buryo bwiza, bakifashisha urukweto rwa rugabire bakuba hasi ikirenge kiba kirwambaye kugira ngo rihagarare.

Hakizimana Augustin, umushoferi utwara ikamyo mu mujyi wa Musanze, avuga ko abo banyonzi babatera impungenge buri munsi, aho rimwe na rimwe bateza impanuka.

Yagize ati: "Kubona umunyonzi wambaye urukweto rwa rugabire rumwe ari gukandagira hasi ngo ahagarike igare kandi afite imizigo iremereye, biratubangamira cyane. Hari igihe urwo rukweto ruvamo, ugasanga yikubise hasi urukweto rwe ruri kuri feri noneho igare rikirenga cyangwa rikazengerera mu muhanda. ibi biteza umutekano muke."

Nsengimana Evode ni umumotari, we avuga ko iyi myitwarire ibangamira gahunda ya Gerayo Amahoro.

Yagize ati: "Umunyonzi utwaye imizigo irenze urugero aba atabona neza imbere, kandi rimwe na rimwe agenda adandabirana. Iyo aje ashaka gutambuka cyangwa guhagarara, akuba urukweto rwa rugabire. Ubwo rero iyo tugeze aho abantu bahurira benshi, [....] bibangamira buri wese. Ba Gikweto bakwiye kwigishwa amategeko y'umuhanda bakareka kugendera kuri feri y'igikweto."

Perezida wa koperative y'abanyonzi mu Karere ka Musanze, (CVM) Mutsindashyaka Evariste we yagize ati: "Mu mahugurwa tubaha, tubabwira ko igare rifite feri kandi ikwiye gukoreshwa. Gukoresha urukweto nka feri ni amakosa adakwiye kwihanganirwa."

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, ACP Boniface Rutikanga, agaragaza ko iyi myitwarire idahwitse iri mu bituma habaho impanuka nyinshi mu mijyi.

Yagize ati: "Umutekano wo mu muhanda si uw'abashoferi gusa. N'uwicaye ku igare aba akoresha umuhanda. Nta muntu ukwiye gukoresha urukweto rwa rugabire nka feri, kandi nta muntu ukwiye gutwara imitwaro ibangamira abandi. Gerayo Amahoro ni gahunda igenewe buri wese,"

Abatuye Musanze bavuga ko bakeneye abanyonzi mu buzima bwabo bwa buri munsi, ariko bagasaba ko ba Gikweto bakumirwa cyangwa bakigishwa mu buryo bwihariye, kuko imyitwarire yabo imaze kuba ikibazo gikomeye mu muhanda.

# *Bamenya yegukanye imodoka mu irushanwa rya Mashariki 2025*



Bamenya uzwi muri filime yegukanye igihembo cy'imodoka mu marushanwa ya Mashariki African Film Festival 2025

MUTETERAZINA Shifah

***Amashimwe ni yose kuri Benimana Ramadhan uzwi cyane nka Bamenya, wegukanye igihembo cy'imodoka mu marushanwa ya Mashariki African Film Festival 2025, ahigitse abarimo Aime Valens Tuyisenge wamenyekanye nka Boss Rukundo.***

Ni amatora yarangiye mu ijoro ryo ku wa Gatanu tariki 28 Ugushyingo 2025 ahagana saa tanu z'ijoro, aho hamenyekanye abakinnyi babiri bazahembwa imodoka z'agaciro ka miliyoni 26 Frw.

Binyuze mu cyiciro cyiswe 'People's Choice Award' kiri mu marushanwa ya Mashariki African Film Festival 2025, aho abakunzi b'abakinnyi babatoraga hakoreshejwe Murandasi.

Mu cyiciro cy'abagabo (Best Actor – People's Choice), Bamenya, ni we wegukanye umwanya wa mbere n'amajwi 80 748, ari na yo menshi mu byiciro byose, ukurikije amajwi y'abatoye bose.

Yifashishije imbuga nkoranyambaga ku wa Gatandatu tariki 29 Ugushyingo 2026, Bamenya yashimiye abamutoye bose anavuga ko irushanwa ryari riteguye neza.

Yanditse ati: " Allah ni we byose, mbikuye ku mutima ndabashimiye mwe mwese mwambaye hafi mu marushanwa, imodoka itashye i wacu ndetse n'ihiganwa ryari riteguye neza."

Uretse Bamenya wagaragaje amarangamutima ye, mu bagore uwatsinze ni Mukayizeri Djalia, uzwi cyane nka Kecapu wegukanye intsinzi ku majwi 70,208, wahigitse abo bahatanaga barimo Uwamahoro Antoinette, wamamaye nka Intare y'Ingore, wagize amajwi 32,317.

Ni ku nshuro ya mbere iryo serukiramuco ryo ku rwego mpuzamahanga rigiye guha abatsinze imodoka, ibintu byatumye uyu mwaka urushaho kuryohera no gutera amatsiko abahatanaga n'abarikurikiye.

Ubuyobozi bw'iryo serukiramuco buvuga ko icyo gikorwa kigamije guteza imbere abakinnyi ba filimi no kubashimira uruhare rukomeye bagira mu iterambere rya filimi muri Afurika y'Iburasirazuba.



Dore imodoka abakinnyi ba filime begukanye mu marushanwa ya Mashariki



Mushiki wa Burna Boy yanyomoje amakuru avuga ko musaza we yirukanye nyina nk'umujyanama we

# *Mushiki wa Burna Boy yanyomoje ibivugwa ko yirukanye nyina ku bujyanama*

MUTETERAZINA Shifah

***Mushiki w'Umuhanzi Burna Boy wo muri Nigeria, witwa Nissi yanyomoje amakuru avuga ko uwo muhanzi yaba yari yirukanye nyina ku mwanya w'umujyanama we.***

Byatangiye guhwihwiswa ku wa Gatatu ubwo hashyirwaga itangazo hanze ry'uko ibitaramo bya Burna Boy muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika byasubitswe bitewe n'uko igurwa ry'amatike ryagendaga nabi.

Umwe mu bazwi ku mbuga nkoranyambaga witwa Joyfultips yanditse ku rukubuga rwa X avuga ko Burna Boy yaba yatandukanye n'umujyanama we ari na we nyina.

Yanditse ati: "Numvise ko Burna Boy yirukanye nyina, ibintu byose birimo kurushaho kuba ibidasanzwe."

Ni ibintu byateje impaka ku mbuga nkoranyamaba abantu bakavuga ko bidasanzwe bashingiye ku rukundo uwo muhanzi asanzwe akunda nyina.

Mu gukuraho urwo rujijo mushiki we Nassi yanditse kuri X anyomoza iby'ayo makuru.

Ati: "Ibijyanye n'uko umuvandimwe yirukanye umubyeyi ku nshingano z'umujyanama we ni ibihuha habayeho impinduka gusa kandi birasanzwe. Andi makuru murayamenyeshwa vuba."

Nyina wa Burna Boy usanzwe ari n'umujyanama we yitwa Bose Ogulu, bakaba bombi bahisemo gusubika igitaramo uyu muhanzi yari afite muri Leta zunze ubumwe za Amerika cyiswe 'No Sign of Weakness' cyari kigamije kumurikirwamo Alubumu ye ya munani yanitiriwe igitaramo.

Byari biteganyijwe ko icyo gitaramo cyagombaga kuba tariki 01 Ukuboza 2025 mu Mijyi itandukanye harimo n'uwa Chicago, nubwo batari batangaza andi makuru mashya ku matariki ibyo bitaramo bizaberaho.





# APR FC yanganyije na AS Kigali ifata umwanya wa kabiri

SHEMA Ivan

***APR FC yanganyije na AS Kigali igitego 1-1 mu mukino w'umunsi wa cyenda wa Shampiyona, ifata umwanya wa kabiri rutonde rw'agateganyo rwa Shampiyona***

Uyu mukino wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 28 Ugushyingo 2025 witabirwa n'abarimo Minisitiri w'Ingabo, Juvenal Marizamunda n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen Mubarak Muganga ndetse na Chairman wa Rwanda Premier League, Yusuf Mudaheranwa.

Ni umukino watangiye ugenda gake, umupira wiharirwa na APR FC yahererekanyaga neza, ariko ikagorwa no kugera ku izamu rya AS Kigali.

Ku munota wa 27, Dushimimana Olivier wa AS Kigali yahaye umupira Rudasingwa Prince, ashatse kuroba umunyezamu Ishimwe Pierre awukoraho ujya muri koruneri.

Ku munota wa 33, APR FC yabonye uburyo bwiza bwo gutsinda ku mupira Lamine Bah yahinduye umupira mu rubuga rw'amahina, Denis Omedi awufunga n'igituza, usanga William Togui awuteye ukorwaho n'umunyezamu ujya hanze.

Ku munota 41, Ndayishimiye Didier yakiniye nabi Niyomugabo Claude hafi y'urubuga rw'amahina mu ruhande.



Mu mukino w'umunsi wa cyenda wa Shampiyona, APR FC yanganyije na AS Kigali igitego 1-1

Iri kosa ryahanwe na Ruboneka Bosco, atera umupira ujya mu izamu ukubise ku giti cya mbere cyaryo.

Igice cya mbere cyarangiye APR FC yatsinze AS Kigali igitego 1-0.

Mu igice cya kabiri, AS Kigali yatangiranye impinduka Iyabivuze Osee asimbura Dushimimana Olivier 'Muzungu.

Iyi kipe y'Umujyi yagarukanye imbaraga muri iki gice itangira gusatira izamu rya APR FC harimo umupira Ntirushwa Aime yahawe umupira ari mu rubuga rw'amahina, atera ishoti rikomeye rishyizwe muri koruneri n'umunyezamu Ishimwe Pierre.

Iyi kipe ntiyacitse intege kuko ku munota wa 49 yabonye igitego cyo kwishyura cyinjijwe na Ndayishimiye Didier ku mupira yatereye mu rubuga rw'amahina nyuma yo guhindurwa na Tuyisenge Arsene.

Nyuma yo kwishyurwa igitego, APR FC yongeye gusatira ishaka icya kabiri harimo ishoti rikomeye ryatewe na Denis Omedi ari imbere y'izamu, umupira ukurwamo n'umunyezamu Kanuma Pascal mbere y'uko ubwugarizi bwe bushyira umupira muri koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 70, Umutoza wa APR FC, Abderrahim Taleb yakoze impinduka eshatu Mamadou Sy, Djibril Ouattara na Mugisha Gilbert basimbura Hakim Kiwanuka, William Togui na Denis Omedi.

Izi mpinduka zafashije iyi kipe gukomeza gusatira izamu rya AS Kigali ariko ikagorwa n'ubwugarizi bw'iyi kipe bwari buhagaze neza.

Mbere y'uko umukino urangira umusifuzi wa kane yongeyeho iminota itanu y'inyongera.

Ku munota 90+3, Jesus Moloko wa AS Kigali yahinduye umupira mu rubuga rw'amahina, Rudasingwa Prince awutanga umunyezamu Ishimwe Pierre, awuteye n'umutwe ujya ku ruhande.

Umukino warangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1.

APR FC yafashe umwanya wa kabiri n'amanota 15 mu mikino umunani imaze gukina ni mu gihe AS Kigali yafashe umwanya wa 11 n'amanota icyenda.

Undi mukino wabaye kuri uyu wa Gatanu, Etincelles yanganyije na Mukura VS igitego 1-1.

# Rayon Sports yanganyije na Gicumbi FC, yuzuza imikino itatu nta ntsinzi

SHEMA Ivan

***Ikipe ya Rayon Sports yanganyije na Gicumbi FC igitego 1-1 mu mukino w'Umunsi wa Cyenda wa Shampiyona, yuzuza umukino wa gatatu wikurikiranya nta ntsinzi ibona muri Shampiyona y'u Rwanda.***

Uyu mukino wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ku wa Gatandatu tariki ya 29 Ugushyingo 2025.

Wari umukino wa mbere Rayon Sports ikinnye nyuma yo guhabwa n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imiyoborere mu Rwanda (RGB), Komite y'inzibacyubo iyobowe na Murenzi Abdallah.

Amakipe yombi yagiye gukina uyu mukino yaratsinzwe imikino aheruka gukina.

Gicumbi FC yari yakiriye yatangiye neza umukino yiharira umupira ikinira hafi y'izamu rya Rayon Sports.

Iyi kipe y'Akarere ka Gicumbi yabonye uburyo bwo kubona igitego bwa mbere bugana ku izamu ku munota wa 16 ku mupira Bahati Clement, yashatse guha Lola Kanda Moise, ukurwamo neza na myugariro w'ikipe ya Rayon Sports Ganijuru.

Ku munota wa 25, Rayon Sports yatangiye kwinjira mu mukino ndetse ibona amahirwe imbere y'izamu ku mupira Aziz Bassane yinjiranye mu rubuga rw'amahina, awuteye ushyirwa muri koruneri na myugariro wa Gicumbi FC.

Ku munota 35, umukino wagabanyije umuvuduko umupira utangira gukinirwa cyane mu kibuga bituma nta buryo bwo kubona igitego buboneka.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Mu gice cya kabiri, Rayon Sports yagarukanye imbaraga nyinshi itangira gusatira izamu rya Gicumbi FC, harimo umupira Bayisenge Emery yafashe atera ari mu rubuga rw'amahina, awushota myugariro, abakinnyi ba Rayon Sports bagaragaza ko yawukinishije akaboko ariko Umusifuzi yemezaka, ko nta kosa ryabayeho, umukino urakomeza.

Ku munota wa 61, Gicumbi FC yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Rubuguza Jean

KOMEZA KU RUP.24

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-41 TARIKI 25 UGUSHYINGO - 1 UKUBOZA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

## Rayon Sports yanganyije na Gicumbi FC, yuzuza imikino itatu nta ntsinzi

IBIKURIKIRA URUP.23

Pierre ku ishoti yatereye mu rubuga rw'amahina, umunyezamu Mugisha Yves ntiyabasha guhagarika umupira ujya mu rushundura.

Ku munota wa 66, umutoza w'agateganyo wa Rayon Sports, Haruna yakoze impinduka, Ndikumana Asman asimbura Ishimwe Fiston.

Izi mpinduka zafashije Rayon Sports gukomeza gusatira harimo umupira Ndikumana Asman yahinduye mu rubuga rw'amahina, habura mugenzi we uwukina, ukurwaho n'abakinnyi ba Gicumbi FC.

Ku munota wa 85, Gikundiro yabonye igitego cyo kwishyura ku ikosa ryahanwe na Tony Kitoga inyuma y'urubuga rw'amahina, umupira ushyirwa mu izamu na Ndikumana Asman n'umutwe.

Umukino warangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1, Rayon Sports yuzuza umukino wa gatatu wikurikiranya nta ntsinzi muri Shampiyona nyuma yo gutsindwa imikino iheruka na APR FC ndetse na AS Kigali.

Gikundiro yagumye ku mwanya wa gatanu igira amanota 15 ni mu gihe Gicumbi FC yafashe umwanya wa 13 n'amanota icyenda.



Rayon Sports yaguye miswi na Gicumbi FC zitsindana igitego 1-1

Indi mikino yabaye ku wa Gatandatu, Gasogi United yatsinze Amagaju FC igitego 1-0, ifata umwanya wa kabiri n'amanota 18 naho AS Muhanga itsinda Rutsiro FC igitego 1-0.

SHEMA Ivan

## Basketball: U Rwanda rwasoje imikino ibanza yo gushaka itike y'Igikombe cy'Isi nta ntsinzi

***Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda ya Basketball yasoje icyiciro cya mbere cy'imikino yo gushaka itike y'Igikombe cy'Isi iyitsinzwe yose, nyuma yo gutsindwa na Nigeria amanota 75-69 hitabajwe iminota itanu y'inyongera.***

Ni umukino u Rwanda rwatangiye neza, ndetse ruyobora agace ka mbere ku manota 21-12. Mu ka kabiri u Rwanda rwakomeje gukina neza. Igice cya mbere cyarangiye rukomeje kuyobora umukino n'amanota 27-25.

Mu gace ka gatatu, Nigeria yongereye ikinyuranyo yinjiza amanota menshi. Aka gace karangiye yatsinze u Rwanda amanota 45-36.

Mu gace ka nyuma, u Rwanda rwongeye gusubirana imbaraga rutangira kugabanya ikinyuranyo rubifashijwemo na Bruno Shema, Kenny



U Rwanda rwasoje imikino ibanza yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi nta mukino n'umwe itsinze

Manzi na Ndizeye Dieudonne ndetse ruyobora umukino n'ikinyuranyo cy'amanota atatu (61-58).

Habura amasegonda ane ngo umukino urangire, Muhizi Prince yakoreye ikosa Morris Udeze wanatsinze amanota abiri yakurikiwe na 'lancer franc' yahawe.

Iyi 'lancer franc' yatumye amakipe yombi anganya amanota (61-61), hashyirwaho iminota itanu y'inyongera [OT] yasize Nigeria itsinze u Rwanda amanota 75-68.

Undi mukino wabaye muri Itsinda C warangiye Guinée itsindiye Tunisia mu rugo amanota 66-57, isoza imikino ibanza ifite intsinzi eshatu kuri eshatu.

U Rwanda rwasoje imikino ibanza nta mukino n'umwe rutsinze kuko uwa mbere rwatsinzwe na Guinea amanota 82-70 Uwa kabiri rwatsinzwe na Tunisie amanota 79-66.

Imikino yo kwishyura iteganyijwe hagati y'itariki 2-5 Nyakanga 2026.

Amakipe 16 yo muri Afurika arimo u Rwanda, azavamo atanu azitabira iri rushanwa binyuze mu majonjora atatu aho ijonjora rya mbere rizasiga amakipe atatu muri buri tsinda akomeje mu ijonjora rya kabiri rizaba muri Nzeri 2026

Igikombe cy'Isi cya 2027 kizabera muri Qatar hagati y'itariki 27 Kanama kugeza ku ya 12 Nzeri 2027.